Celestin Mugenzi

Rapport

1975

Doc 1
99166

P. CELESTIN MUGENZI

No 121

# N Y I N A  W' U  R W A N D A

Irushanwa ry'ubwanditsi ryerekeye umwaka wa 1975,
wagenewe abali n'abategarugoli ku isi yose.

P. CELESTIN MUGENZI.-

# N Y I N A  W ' U  R W A N D A.-

Irushanwa ry'ubwanditsi ryerekeye umwaka wa 1975, wagenewe abali n'abategarugoli ku isi yose.

P. Célestin MUGENZI yavukiye i Taba,
Komini ya Taba, Prefegitura ya Gitarama, mu mwaka wa 1942.
Atuye ku murenge wa Taba,
Komini ya Taba,
Prefegitura ya Gitarama.

-------------

# N Y I N A   W ' U   R W A N D A

## I L I B U L I R O

Muli iki gitabo ngiye kwandika ku byerekeye imibereho y'umunyarwandakazi wo mu Rwanda rwo hambere n'iy'umunyarwandakazi wo mu Rwanda rw'igihe cy'amajyambere. Iki gitabo kigabanyijemo ibyiciro alibyo bice bibili kandi muli buli gice, ndavuga imibereho y'umutegarugoli n'umwali kubera ko bahoze kandi n'ubu bagifatanye urunâna, aho umwe ashinguye ikirenge undi akaba akihashinga.

Ibyo ngiye kwandika no gutekereza ku mibereho, imikorere n'imyifatire y'umutegarugoli n'umwali mu Rwanda rwo hambere ntabwo ali umugani, ni ibintu bizwi kandi byabayeho koko ! Sinagize amahirwe yo kuvûka icyo gihe ngo nshobore kubibona n'amaso yanjye, ndetse n'umukecuru umbyara yasanze haliho bike ibindi bitangiye gukendera,nawe yabibonyeho igice ndetse bimwe byagiye bimubaho! Mu minsi ishize, iyo nicaranaga nawe mu nzu, amaze gukika imilimo yo hanze, yatangiraga kubinyuliramo nanjye muteze amatwi yombi, mfite amatsiko atagira ingano !
Mu minsi ishize najyaga nyarukira kwa Nyogokuru wanjye, tugatataramana atalitaba Immana. Uwo mukecuru akancira utugani, akambyinira uduhozo n'izindi mbyino, byose bikandyohera, nkunva nyuzwe rwose ! Bimwe na bimwe bikansetsa cyane, ngatangira gusiganuza uko abanyarwandakazi bali bameze hambere, mu mibereho n'imyabbalire yabo! Ubwo rero umukecuru wawe akumva yishimiye icyo kiganiro, ntatinzemo akambwira uko bali bifashe kwose ! Yabivuganaga umunezero mwinshi kuko byatumaga ashira irûngu, ndetse bigatuma nawe yibuka uko yali ameze mu buto bwe, akavuga asa n'aho yasubiye bukumi !

Iyo ngiye kuzindara no kwibagirwa ibyo uwo mukecuru yajyaga antekerereza atalitarura, nyarukira kwa Mama wantegeye urugoli,nkamusiganuza ku byo naba nshidikanyaho uko byali bimeze kuko we yabibonyeho igice kinini, kandi nyogokuru akaba yabimutekerereza mbere y'uko mvuka, n'aho mvukiye akajya abitubwilira hamwe, birumvikana rero ko azimo byinshi cyane.

../..

Nyamunsi irakanyagwa inka, yo yatwaye Nyogokuru wanjye atageje aya magingo duhimbazamo umwaka w'abali n'abategarugoli ku isi yose, ngo anfashe gutegura no kwandika ili rushanwa, ndetse nawe ngo ambwire ibyo mwandikira ngo atabura mu gitaramo cya bene Mukaka ! Ibyo ntacyo bitwaye cyane, nanjye nitwa "SINDERIBUYE", ibyo yambwiye nako yanyigishije sinabitaye hasi, kandi ndamutse nzindaye,Mama wambyaye aracyaliho yanyibutsa !

Ibyerekeye imibereho n'imikorere y'umwali n'umutegarugoli bwo mu Rwanda mu gihe cy'amajyambere, si imbalirano: narabyiboneye ubwanjye, ibindi kandi ndacyabibona. Ndabivuga uko nabibonye n'uko nkibona bimwe na bimwe mu mpande zose z'u Rwanda ! Ibyo mvuga ni ibintu byabonywe na buli muntu kandi n'ubu akibona, iyo atirengagije ngo yigire nyoni-nyinshi ngo abone bimwe ibindi abyihorere! Nyiramaso yerekwa bike ibindi akabyirebera.

Iki gitabo nagihaye izina ryo kwitwa "NYINA W'U RWANDA", kubera ko umunyarwandakazi aliwe "Mwali-Mutegarugoli", aliwe wabyaye u Rwanda rw'ejo hashize akaba n'umubyeyi w'u Rwanda rwa none n'uw'u Rwanda rw'ejo hazaza ! Iyi nyandiko rero ilibanda ku mwali n'umutegarugoli gusa, nta cyo ivuga ku bibondo, ibitambambuga n'abangavu!

Muntu ukunda umunyarwandakazi, ugakunda kamere nyarwanda, tega amatwi wumve ibyerekeye nyoko na nyogokuru ndetse na mushiki wawe cyangwa se mene nyoko,iki gitabo ntigucike !

P. CELESTIN MUGENZI.

## IGICE CYA MBERE.

### I. Umwali wo mu Rwanda rwo hambere.

Mbere y'uko umukobwa aba umwali yabanzaga kunyura muli ibi bice cyangwa se inzego: ubuhinja, ubucuke, ubwangavu n'ibindi, hanyuma yamara kugera mu bukumbi, ageze mu kigero cyo gushyingirwa akaba yakubaka urugo, alibwo yabaga amaze kumenya ubwenge bunyarwanda, agahabwa izina ry'"Umwali". Kenshi wasangaga bamwita "Umunyaruhimbi", "Umupfasoni" .

Ababyeyi babaga babyiruye umwali, bahoraga bamwubaha bivanze no kumutinya. Bahoraga bigengesereye, birinda kumutonganya no kumutuka ku mugaragaro, ngo batamurakaza cyangwa hakagira ab'ahandi babyumva, bigateza uwo mukobwa urubwa ku buryo yazabura abamusaba, akagumirwa, ngo bamutinyira ko yananiranye kubera ko ababyeyi bamutonganyiliza ahagaragara nk'aho yarenze ihaniro !

Umutegarugoli wabaga abyiruye umwali, yatangiraga kuruhuka imilimo myinshi, akegurira uwo mukobwa inzu n'urugo, akamenya ibyerekeye ibilibwa n'ibinyobwa, akabimenyamo bene nyina, basaza be, ababyeyi be ndetse n'abashyitsi babagenderera. Bene uwo mukobwa bakundaga kumwita "Mafubo", "Benurugo" n'andi mazina ...

Umwali wo mu Rwanda rwo hambere yigiraga ishuli iwabo mu rugo, yigishwa na nyina. Yakulikiraga inyigisho z'ubwenge bunyarwanda bulimo ikinyabupfura, gukora imilimo ya gikobwa. Umwali warezwe neza yagombaga kurangwa n'ikinyabupfura mu myifatire yubaha abantu bose cyane cyane abamuruta ubukuru, agakubitaho ubwitonzi. Umutegarugoli yihatiraga kumenyereza abana be bose kubana no gusangira n'abandi bana, bakamenyera umubano uzira umushiha. Urugo rubyiruye umwali rukarangwa n'isuku muli byose ! Iyo umukobwa yabaga ataragera mu gihe cy'ubwali, yashoboraga guhanwa na nyina cyangwa se [redacted], bamutonganyije cyangwa se bamukubise kubera icyaha yabaga yakoze. Kenshi aliko abagabo ntibakundaga gukubita abakobwa babo, ahubwo babarebaga igitsure kikabatinyisha ! Umukobwa yamaraga kuba umwali, agaca ukubili n'inkoni cyangwa ibitutsi bya se. Mbese umuntu yamwita Rwagitinywa kubera ko

../..

se yabaga atakimutinyuka. Iyo bene uwo mukobwa yakoraga icyaha, yashoboraga kugihanirwa na nyina, akamutonganyiliza cyangwa akamukubitira ahiherereye nko mu nzu cyangwa se mu gikâli ! Umutegarugoli yajyaga guhana umukobwa w'inkumi abanje gukengûza ngo arebe ko nta muntu wo mu gasozi uli hafi aho, ngo atabumva akazababara inkuru !

Umutegarugoli yahoraga ashishikajwe no gutoza umukobwa we ingeso n'umuco wali ukwiranye n'umunyarwandakzi w'icyo gihe. Ibyo byose yabigiliraga umwana we kugira ngo namara kwubaka urwe rugo, amaze kujya iw'abandi, atazamutamaza akananirwa n'imilimo yamugenewe,ku buryo byatuma azahora mu nzira n'intamyi n'intango yahukana cyangwa se atashye, cyangwa se bakamusenda uruhenu. Iyo ibyo umutagarugoli yabaga yanga bikarenga bikagwira umukobwa we, wasangaga abantu benshi bagaya uwo mubyeyi ngo yareze nabi, kandi arengana ali umukobwa we wananiranye ! Si rubanda gusa, na se w'umukobwa yahindukaga umugore we, kandi arengana ! Hali umubyeyi wakwifuza ko umwana we aba ikigoryi, akananirwa n'urushako ! Wasangaga abategarugoli bahora babwira abakobwa babo bati: "Mwana wanjye uramenye ntuzamhe amenyo y'abashunga"! Iyo umutegarugoli yabaga abyiruye abakobwa, hanyuma akumva bavuga ko umukobwa wa Naka ahora yahukana cyangwa se ko bamusenze, yarumirwaga akavuga ati :"Shenge sinsetse ndasabitse, wenda n'abakobwa banjye nirwo bazapfa "!

## Umwali yifataga ate imbere y'ababyeyi be ?

Ubusanzwe abana bose bagomba kwubaha ababyeyi babo, igihe cyose n'aho bali hose. Umwali we yarushaga abandi bana kwubaha ababyeyi be, ndetse yagerekagaho n'igitinyiro yagiliraga se. Yahoraga yigengesereye kandi akerekana ko afite ikinyabupfura gikwiye umwana warezwe neza ! Ibyo yabigiraga ku gira ngo yereke abamubonaga ko afite uburere nyabwo, bigatera ababyeyi be kwishima. Uretse ko kitazîraga, umwali ntiyakundaga kuvuga se na nyina mu izina; wasangaga avuga ngo "Dawe cyangwa se Data" aho kuvuga Kanaka, akavuga "Mama cyangwa se Mawe" aho kuvuga Nyiranaka".

../..

Byongeyeye kandi ntiyashoboraga kubahamagara mu izina ku gasosi. Iyo yabonaga ali ngombwa kubahamagara, yashoboraga guhamagara umuhungu muto ashaka guhamagara se, uwo mukambwe akamenya ko aliwe ahamagara, akamwitaba. Naho iyo yashakaga guhamagara nyina, yahamagaraga murumuna we muto, yaba atamufite agahamagara musaza we muto, uwo mukecuru akamenya ko ali we ahamagara akamwitaba!

Umukobwa w'inkumi yatinyaga se cyane ku buryo atashoboraga kumwereka ko anywa itabi cyangwa se inzoga ! Yashoboraga gutumura agatabi iyo yabaga agiye gutekerera se cyangwa se kumushyiliraho igishilira. Yasomaga ku nzoga iyo yabaga amaze kuyisukira se kubera ko ngo ntawe utanga iyo adasogongeye !
Icyakora umwali yatinyukaga nyina cyane, akamwegera agahora yitegereza ibyo akora, akabyigana ndetse agasiganuza ibyo adasobanukiwe neza. Umwali bakundaga kumwita "Umugore wase", kubera ko iyo nyina yabaga arwaye cyangwa se adahali aliwe watekeraga se, akamugabulira, ndetse akanamusasira kandi akamenya abana mu rugo !

Ababyeyi babaga babyiruye umwali mu rugo, bahoraga birinda gutongana no kurwana abareba! Iyo byabaga ngombwa, bashoboraga kubigira uwo mukobwa adahali; yagiye kwahira ishinge, gukura ibibohesho, guca ubwatsi, cyangwa se hali ahandi bamutumye. Naho iyo umugabo yanyurwagaho agakubita umugore we, umukobwa we yagombaga gutabara nyina bagahondagura se! Ni ibintu bya kamere mu bana; iyo umugabo arwanye n'umugore,abana batabara nyina, baba abahungu cyangwa se abakobwa ! Ndetse mu miryango imwe n'imwe uwabaga abyiruye, ntabwo yatinyukaga kwongera gukubita nyina w'abana !

Nkuko umutegarugoli yihatiraga kurera umukobwa we no kumwigisha, ntabwo yihaliraga uwo mulimo ukomeye cyane mu buzima bw'abana abo ali bo bose; kenshi yawufatanyaga na muramukazi we cyangwa se baramukazi be alibo ba nyirasenge w'abana be !
Uwo mugore cyangwa se abo bagore babaga bava inda imwe n'umugabo we, nabo bakundaga umwisengeneza cyangwa se abisengeneza babo kurusha abandi bantu, ali abo mu muryango cyangwa se ba rubanda ! Ni naho bendeye baca uyu mugani wa kinyarwanda uvuga ngo: "Utagira nyirasenge alisenga"!

../..

Iyo ibyago byabaga mu muryango, umugore agapfa asize imfubyi, se w'abana yashoboraga kubajyana kwa mushiki we aliwe nyirasenge wabo, bakarererwayo. Uwo mubyeyi akabafata kimwe n'abana be, wasanga basangira na babyara babo cyangwa se bakina,ntube wamenya ko badasangiye se na nyina, reka ntube wabakekeraho ubupfubyi !

Umubano w'umwali na bene nyina:

Nkuko bimaze kuvugwa haruguru, umukobwa yamaraga kuba inkumi yo gushyingirwa, maze ababyeyi be bakamwegulira urugo. Akamenya ibyerekeye ibilibwa n'ibinyobwa. Agahora yitaye kuli basaza be ali abakuru n'abato, akita no kuli barumuna be n'abandi bavaga inda imwe. Akamenya kugabulilira abana bato igihe gikwiye no kubaha icyo banywa batagombye kwicwa n'imhangango ! Abana bakili bato akabuhagilira igihe, bamwe akabaryamisha, naho uwo ashoboye guheka, akamuheka. Wasangaga umwali mu rugo aliwe nyina w'abana, ndetse kenshi bakundaga kumwita "Nyirabana", cyangwa se "Nyina w'abana"! Umuntu utungutse muli urwo rugo ntabe yamenya ko nyina w'abana adahali ! Abana bose ali abahungu, ali n'abakobwa bakundaga kwubaha uwo mwali, ugasanga bamwigiragiraho nk'aho bali kumwe na nyina !

Umubano w'umwali na muramukazi cyangwa se baramukazi be:

Iyo umukobwa yabaga afite musaza we cyangwa se basaza be bubatse, umugore cyangwa se abagore babo yabitaga baramukazi be, nabo bakamwita muramukazi wabo. Uwo mwali yubahaga baramukazi be nabo bakamwubaha. Iyo basaza be babaga batuye ku nkike kwa se, uwo mukobwa yafatanyaga na baramukazi be imilimo yo mu rugo rumubyaye: gukubura, gutegura, kwenga amayoga n'ibindi ... Wasangaga abo bagore bavuga ko muramukazi wabo ali "umugabo wabo" kubera ko ko yabaga ava inda imwe n'umugabo cyangwa se n'abagabo babo ! Kenshi iyo umwe muli basaza b'umukobwa yabaga yazindukiye ahantu agomba kurara, uwo mukobwa yajyaga kuraza muramukazi we, ugasanga batwaliranya ngo umugabo yatashye mu rugo rwe !

../..

## Umubano w'umwalina rubanda rundi.

a) Abasaza n'abakecuru:

Umwali yubahaga abantu bakuru bose kimwe n'uko yubahaga se na nyina, nyinawabo, nyirasenge, sekuru na nyirakuru ! Yabonaga abantu bakuru bose bamushushanyiliza ababyeyi be bwite n'abo mu muryango. Abo bakambwe akabatinya nkuko yatinyaga se na nyina, sekuru na nyirakuru. Akifata neza imbere yabo, yilinda kuvuga amagambo menshi kandi atarekeranye imbere y'abo. Yakundaga kubahisha bimwe na bimwe mu byo yakoraga, nko kunywa itabi n'ibindi !
Nubwo yubahaga abakecuru bwose, yarabatinyukaga, akaba yabasaba inama no kubasiganuza ku kintu iki n'iki. Abantu bakuru bose bashoboraga guhana umwali no kumubuza gukora cyangwa se kuvuga ibi n'ibi, akabumvira ndetse agasigarana umutima uhagaze w'uko baramutse babwiye ababyeyi be byamumerera nabi, bakamutonganya !

b) Abakobwa bato kuli we n'urungano.

Igihe cyose, umwali yafatağa abakobwa aruta kimwe n'uko yafatağa barumuna be bwite. Agahora abereka urugero rwiza ndetse agashobora no kubaha inama bayimusabye cyangwa se abyibwilije igihe abonye ali ngombwa! Abo bana nabo baramwubahaga, bagakulikiza ingero nziza bamubonana ndetse bakajya bigana imilimo yabaga akora: kuboha ibyibo, imisambi, ibirago n'ibindi ;..
Umwali yagendangga kandi akagenderana n'urungano. Bajyanaga mu rufunzo gukura ibibohesho byo kuboha ibyibo, inyegamo n'ibindi.. Bajyanaga mu gishanga guca ubwatsi bwo kuboha imisambi n'ibirago.. Bakajyana mu rubohero rw'ibyibo, ibirago n'imisambi n'ibindi. Bamaraga kuboha, bagiye gutaha ni-mugoroba, bakabanza gucinya umudiho, niho bamenyeraga kubyina. Erega shenge no mu gihe babaga baboha, umunwa wabo n'umuhogo ntibyicaraga ubusa, babaga babyina ibihozo n'utundi tubyino tunogeye amatwi, cyangwa se bahimba imbyino,bakaza kwiga kuzibyina mu mudiho bamaze kuboha, bagiye kwikubura ngo batahe ! Umwali wabaga ali umuhanga mu kuboha no kubyina yabyigishaga abandi abyishimiye, cyangwa nabo bakamwigana. Ni aho bendeye bajya guca uyu mugani ngo:"Wigisha umuntu kubyina, akaguca ku mudiho wawe"! Umuntu wese iyo amaze kumenya gukora ikintu iki n'iki, ashyiraho akarusho ka ndushabandi !

../..

Imyambalire y'umwali.

Umwali yambaraga uruhu rw'umukane. Barukanaga mu mugoma w'inka, kandi bakaruteraho indengera. Mu turere tumwe na tumwe twŭu Rwanda, abali bambaraga igicirane giteyeho imihama. Icyo gicirane cyali uruhu rw'ihene, bacagaho amaguru, amaboko n'umutwe,bagateraho iyo mihama yo kurulimbisha mu myanya w'indengera. Ali umukane cyangwa igicirane, abali baragikenyeraga, naho igihimba cya ruguru kigasigara kibaza, ugasanga abakobwa bagenda banitse amabere.

Umwali yahoraga asukura umukane we ali nawo benshi bakundaga kwita "Inshabure". Nkuko inkanda yahanagurwaga, ni nako umukane w'umukobwa yawuhanaguraga akanawusiga. Mu kumesa umukane, umukobwa yakoreshaga amabuye y'inkurwe abanje kuyahonda akayanoza, maze agakoresha agafu kayo kavanze n'amazi, akuba ku mukane akoresheje ibyatsi. Umwali iyo ava akagera yageragezaga gusiga umukane we kugira ngo unoze umubili kandi woye kuba igikubate. Umwali wa mu batunzi yashoboraga kubona amavuta yo gusiga umukane we no kwisiga atarushye. Naho uwo mu boro yayabonaga bimuruhije, ababyeyi be bagombye kuyacira incuro cyangwa se bagombye kuyabadika imyaka yabo. Naho umwali wabaga yambaye igicirane kiliho imihama, limwe na limwe ntiyilirwaga agishakira amavuta yo kugisiga, yacyambaliraga aho kigahora ali ikirondo cy'igikubate.

Umwali yahoraga arinda umukane we ikintu cyose cyatuma wononekara. Yawur-indaga kugwa mu mazi no kunyagirwa: yabonaga imvura itangiye kugwa ali ku gasozi aho adashobora kubona aho yugama, maze akawukuramo,akawuzinga akawushyira mu kwaha kwe kugingo utanyagirwa ugakanyarara ! Uti ese yagendaga yambaye iki muli iyo mvura yose ? Yayitegeraga umubili we, ikagenda imunyagira yambaye ubusa busa! Ntibimutere isoni na busa !

Umwali yambaraga ibitare,imilinga n'ingoro ku maboko, akambara inigi mu ijosi no mu nda. Yashoboraga no kwambara ingoro ku maboko cyangwa se kwambara ibitare ku maguru.

../..

Umwali yali afite gaciro ki ?

Umukobwa yali "Umusanganya-miryango". Yagwizaga amaboko y'imiryango ashyingiwemo n'iyo avukamo. Bityo iyo miryango akayigira urusobe. Umubeyi wabaga abyiruye inkumi, yahoranaga icyizere cy'uko azayishyingira akayikosha inka, amasuka n'ibindi, bityo akunguka umuhana umukomokaho, umuryango we ukaba wagutse mbese umaze kugaba amashami menshi. No mu muryango uwo mukobwa ashyingiwemo bakaba bungutse amaboko, abavunyi b'iyo umugeni avûka.

Umukobwa ntiyagiraga agaciro kangana n'aka musaza we mu rugo, kubera ko yamaraga gukura akajya iw'abandi, n'imbeshyerwe akaba atarashoboraga gukora imilimo imwe n'imwe ya kigabo: nko gucungura se mu buhake no ku itabaro ahubwo akamenya imilimo yo mu rugo aliyo ya kigore. Iyo umukobwa yamaraga gushyingirwa yasaga n'aho atandukanye n'umuryango wabo, akegukira uwo umugabo we avukamo. Yarekaga kwitilirwa ubwoko bw'ababyeyi be, agafata ubwo bw'umugabo we; akareka kuzililiza ibyo ababyeyi baziraga, ahubwo akairinda ibyo umuryango w'umugabo we waziraga. Umukobwa yamaraga gushyingirwa, ntabe agifite uburenganzira bwo guhabwa umunani iwabo.

Iyo umugabo yamaraga gupfa asize imfubyi z'abakobwa n'umugore we, abasigiye n'inka, shebuja wabaga amuhatse ku nka yashoboraga kujyana izo mfubyi na nyina ndetse n'inka zabo, akazibatungamo. Abo bakobwa bamaraga gukura, akabakosha, akabashyingira kimwe n'abana be bwite. Uti;ese ni iki cyatumaga uwo mugabo ajyana imfubyi na nyina akazihaka mu byo zasigiwe na se ? Byaterwaga nuko abo bakobwa na nyina batashoboraga guhakirwa izo nka, ngo bubake inkike kandi bashobore no kuzitabalira. Nubwo abakobwa bitwaga abatanyagwa, limwe na limwe umuntu yabonaga umugaragu we apfuye, asize imfubyi z'abakobwa, akabanyaga inka yali yaragabiye se !

Umugabo wabaga asize abakobwa,hanyuma bagashyingirwa, yashoboraga kuzungurwa n'umwe mu buzukuru be ukomoka kuli umwe muli abo bakobwa, bityo akaba azunguwe n'umuntu wo mu muryango w'ahandi. Ubundi kandi yashoboraga kuzungurwa na rubanda, iyo umupfakazi nawe yamaraga gupfa atarashoboye kubona umwuzukuru araga ibyo umugabo we yamusigiye !

../..

Mbere y'uko Inteko rusange y'Abibumbye itangaza Itangazo mbumba-mahanga ryerekeye agaciro ka muntu, ryo ku italiki ya 10 Ukuboza 1948, ali naryo ryahaga umukobwa n'umugore agaciro kamwe n'ak'umugabo; mbere y'uko Itegeko-nshinga rya Repubulika y'u Rwanda litangazwa ku italiki ya 24 Ugushyingo 1962; naryo liha umugore agaciro kangana n'ak'umugabo; na mbere y'uko Inteko-rusange y'Abibumbye itangaza ibyemezo byayo byereke agaciro k'umugore n'umukobwa mu mwaka wa 1967, umugabo witwaga Fransisko RWABUTOGO watwaraga mu Buganza ho muli Teritwari ya Kibungo, yigeze kwihandagaza mu ruhame, yemeza ko umukobwa ali umwana nk'abandi kandi ko afite uburenganzira bumwe n'ubw'umuhungu mu mutungo wa se! Uti ese byagenze bite ?

Umugabo w'umutunzi yarapfuye asiga abakobwa n'umugore we, ataligeze kubyara umuhungu n'umwe. Yali yaragabanye n'inka nazo azisiga aho. Umugabo wali umuhatse yumvise iyo nkuru, aho kubabazwa n'uko umugaragu we apfuye, ngo amumenyere imfubyi, atera kwa wa mugaragu we anyaga imfubyi ze ntiyazisigira n'imhoma rutaro ! Ni iki cyatumye abanyaga inka basigiwe na nyakwigendera ? Ngo yatinyaga ko nta muntu washoboraga kuzihakirwa muli abo bakobwa, akanga ko inka ze bazitungira ubusa !
Umukobwa w'imfubyi afata agakoni ke, ajya kubitekerereza Rwabutogo watwaraga mu karere k'iwabo. Icyo gihe rero umutware aliwe Shefu niwe wacaga imanza mu rukiko rw'aho yatwaraga.
Rwabutogo ategeka urukiko guhamagaza wa mugabo wanyaze imfubyi. Umunsi wo kuburana uragera, wa mugabo yitaba urukiko maze Rwabutogo amuhata ibibazo karahava:

- Kuki wanyaze inka za se w'uyu mukobwa ?
- Ni uko nta muntu wagomba-ga kuzihakirwa uwo mugabo yali asize, wo kumfataho igihe no kubaka inkike.
- Uyu mukobwa wamukoresheje iyo milimo iramunanira ?
- Oya, nali ntaragira icyo mubwira gukora ngo yange cyangwa se abikunde ?
- Kuvuka uli umukobwa ni icyaha, cyangwa se ni ubushake ?
- Si icyaha kandi si n'ubushake.
- Hali umuntu ubyara abakobwa ku bwende bwe ?
- Oya.

../..

- Umukobwa si umwana nk'abandi bana b'abahungu ?
- Niwe.

Ni uko urubanza rutsinda wa mugabo wihaye kunyaga inka z'imfubyi. Rwabutogo ategeka uwo mugabo gusubiza wa mukobwa inka yali yamunyaze zose, akagerekaho n'ibindi bihano. Ni uko Rwabutogo atangaliza mu rukiko aya magambo: "Kuva ubu mujye mumenya ko umukobwa ali umwana nk'abandi, afite uburenganzira bumwe n'ubw'umuhungu mu bintu by'umuryango, ko nta muntu ugomba kumuhohotera ngo amwambure ibyo yasigiwe n'ababyeyi be. Kuvuka uli umukobwa si icyaha. Mujye mumuhaka mu nka asigiwe, naramuka ananiwe gukora imilimo ya gihake mubone kumunyaga."

Umwali n'ubusugi.

Hambere umwali yahoraga arwana ku busugi bwe. Kubera iyo mhamvu, abakobwa ntibakundaga kugenderana n'abahungu bo mu mihana badafitanye isano. Umukobwa yashoboraga kugenderana na babyara be,bene se wabo, bene nyinawabo, abahungu ba banywanyi ba se. Ni iki cyatumaga yirinda kugirana agakungu n'abahungu ? Yabaga atinya ko bazava aho bamushuka, bakaryamana akahasamira inda y'indaro! Umukobwa wabaga agushije iryo shyano, hanishwaga igihano cyo gupfa kandi bikaba incyuro mbi mu muryango; nyina w'umukobwa akahavana ikinegu gikomeye cy'uko atareze neza uwo mukobwa. Yamaraga gutwara iy'indaro, agacibwa nako akaba yiciye mu muryango ! Ntibarushyaga bagoragoza ukundi, bahitaga bajya kumuroha ahantu habigenewe nako hagenewe abakoze ishyano nk'iryo mu Rwanda !

Icyo gihano gikomeye cyatumaga abakobwa benshi bahora bigengesereye, bakirinda kwohoka ku bahungu, bigatuma inda z'indaro zitwarwa n'abakobwa bake cyane mu gihugu cyose !

Aliko se ko nta gakungu abakobwa bakundaga kugirana n'abahungu, izo nda baziterwaga na ba nde ?
Mu magambo abanziliza aya, twabonye ko abakobwa bashoboraga kugenderana na babyara babo cyangwa se abahungu ba banywanyi ba se, abo basore bashoboraga kuzoshyoshya abakobwa kugeza igihe babakoreye amarorerwa bakabatera inda y'indaro !

../..

Imilimo y'umwali.

A. Umwali wo mu batunzi yakoraga iyi milimo:

- yozaga ibyansi n'ibicuba;
- yaterekaga amata akanayacunda;
- yahiliraga inyana ubwatsi akanabuzipfundikira;
- yakukiraga inka n'inyana, akanazanikira icyalire.

B. Umwali wo mu boro yakoraga iyi milimo:

- yahinganaga n'ababyeyi be cyangwa agahinga wenyine;
- yafashaga nyina gutera intabire cyangwa akayitera wenyine cyane cyane mu mulima yabaga yihalitse;
- yafashaga ababyeyi be gusarura imyaka cyangwa agasarura wenyine mu milima ye y'umwihaliko;
- yajyaga kuvoma amazi wenyine cyangwa se akajyana na bene nyina iyo yabaga abafite;
- yajyaga gutashya inkwi aliko limwe na limwe;
- yahoraga yitaye ku mulimo wo guteka;
- yafatanyaga n'ababyeyi be kwenga amayoga.

C. Umwali wo mu batunzi n'uwo mu boro bali basangiye iyi milimo ikulikira:

- isuku y'urugo n'inzu;
- Kuboha:umwali yajyanaga n'urungano mu rufunzo, bagakura ibibohesho. Ibyo bibohesho byitwaga "imfunzo", bakabitamuramo ingoli, intamyi cyangwa se insasanure. Uti ese ibyo bibohesho umwali yabibohagamo bintu ki ? Yabibohagamo ibyibo, ibiseke, imitemeri n'udutango. Yashoboraga kandi kuboha inyegamo zo gukinga ku muryango w'ubulili akoresheje intamyi zidatamuye cyane. Umwali wabaga ashaka kuboha ibyibo cyangwa se imitemeri inogeye amaso, yashoboraga kubohesha urumamfu. Ibyo bikoresho yashoboraga kubiteraho amabara yishakiye yose. Ibara ryakundaga gukoreshwa nako guterwa ku byibo ni irya "nyamuraza".

Umwali yajyaga guca ubwatsi mu gishanga, agashobora kububohamo imisambi n'ibirago. Ubwo bwatsi ni urukangagaga cyangwa se ubusuna ndetse henshi mu Rwanda wasangaga abantu batuliye akabande biterera ubusuna mu migende babaga bahinga.

../..

Umwali wabaga ashaka ikirago cyangwa se umusambi unoze, uryoheye ijisho, yaboheshaga ubusuna n'inago z'ubutumba, imigusa, naho ubundi baboheshaga imigozi y'imivumu cyangwa ibirere.
Umwali yashoboraga kuboha ali wenyine iwabo, kenshi aliko abakobwa b'abaturanyi bajyanaga mu rubohero ku gasozi cyangwa ahantu h'akabande. Bakabohera hamwe baganira, babyina cyangwa se baca imigani n'ibindi. Igihe cyo gutaha cyagera, bagasubika ingenge cyangwa se imitamu, maze bagacinya umudiho ko gusezeranaho.
Abali bamwe na bamwe babohaga inzugi (ibyomanzi) zo gukinga mu mazu. Muli ubwo buboshyi bakoreshaga imigano itamuye neza.

- Kwubaka: umwali yashoboraga kwubaka insika, utugege n'uruhimbi mu nzu yabo. Yashoboraga kwubakisha urubingo, imiseke, imigano n'ibikenyeli, agakoresha imigozi y'ibirere, imihotora,imigusa, imivumu n'ibindi. Izo nyubako ze yashoboraga kuzihomesha amase, igitaka cy'urugina cyangwa se ibumba n'ibindi.

- Kubumba: umwali yashoboraga kubumba urubumbiro, amashyiga n'igitabo. Muli ubwo bubumbyi yakoreshaga urwondo rw'urugina cyangwa se ibumba ryo mu gishanga. Yakurungiraga mu nzu yabo akoresheje urwondo rw'urugina, kokobe, cyangwa igitaka kivanze n'amase ndetse n'ibumba ryo mu gishanga. Ibyo yabikoreraga kugira ngo arimbishe inzu, inogere ijisho kandi akuremo umukungugu wakururaga imbaragasa n'ibibwa.
Umwali wo mu batwa no mu bayovu yabumbaga inkono n'ibibindi ndetse n'imherezo. Yakoreshaga ibumba ryo mu nganzo nziza akalivanga n'utubuye bitaga "insibo". Iby'ubu bumbyi bisobanuye ku buryo burambuye mu mpapuro zikulikira, aho imilimo y'abategarugoli ihalirwa urubuga.

- Gutâka: umwali yashoboraga gutâka udukoni, uducumu, uduheto, uduhoro, utwambi, ingoma n'ibindi. Yakoreshaga amasaro n'imigozi y'imirya cyangwa se ubuhivu n'imigwegwe.
Uyu mulimo nako umwuga wo gutâka nawo uraza guhalirwa urubuga mu mpapuro zikulikira, aho imilimo y'umutagarugoli iza kuratwa.

../..

Gusaba umugeni no gushyingira.

Mu Rwanda rwo hambere umukobwa yashoboraga gusabwa no gushyingirwa umuhungu atazi! Abo yashoboraga kuba azi ni aba:

- mubyara we, umuhungu wa munywanyi wa se, umuhungu wa shebuja wa se cyangwa se shebuja wa se ubwe, umuhungu w'umuturanyi wabo.

Naho ubundi umukobwa yasabirwaga umuhungu atazi atigeze abona! Bene ubwo busabe bwakorwaga mu bwumvikane bwa se w'umuhungu n'ababyeyi b'umukobwa. Icyo ababyeyi babaga bemeje cyose, ntabwo umukobwa yagombaga kucyanga, yacyemereraga ikibi n'icyiza; atinya kwanga ngo atababaza ababyeyi, akaba yacibwa mu muryango kuko nawe yabaga ashaka gutanya indi miryango! Iyo yaramukaga amenye ko abamusaba atazashobora kubana nabo, baramuhatagga akahajya atumva atabona. Nyina w'umukobwa yaramwihereranaga, akamuhana agira ati: "Mwana wanjye winteterereza ngo utume so arakara ajye aduhoza ku nkêke ngo wanze kwumvira itegeko rye. Emera ushyingirwe kwa Naka, nihakunanira uzahave. Ibuka iyi migani baca mu kinyarwanda ngo: "Nyakagore aruta Nyagakobwa", kandi ngo "Ugiciye inkondo siwe ugicundamo"! Nibamara kugukuraho amasunzu uwagutinyaga azagutinyuka ! Umukobwa akemera gushyingirwa, aliko limwe na limwe akabyanga rwose, ngo ni ugupfa na gupfa bazamwice urundi. Bamwe balihandagazaga bakabenga umuhungu ku mugaragaro; bakabivuga mu magambo, ndetse limwe na limwe bakabibyina mu mbyino basebya umusore uyu n'uyu.
Dore imbyino itwumvisha ukuntu umukobwa yabenze umusore witwaga Kajanja wali wamusabye, akibengukirwa undi musore witwaga Rutamu basingizaga Rubibi rw'Igikâka:

"Yemwe bakobwa tungana;
"Hali n'abandi banduta;
"Mukingure urugi rwo hagati;
"Turebe aho injangwe ifata imbeba;
"Tubenge Kajanja tumuhashye;
"Kajanja ni injajanganya;
"Yasabiye imbwa imbaragasa mu isoko;
"Yatigishije imvûzo mu bahutu;

"Yanyoye amacunda mu icupa;
"Kajanja yarwaye indwara mbi;
"Kajanja yarwaye idakira;
"Yananiye Munnyeri w'i Gitwe;
"Izavurwa na Muganga w'i Gahini;
"Simushaka mba mbaroga;
"Jyewe ndashaka Rubibi;
"Rubibi rw'Igikâka mba muroga"!

- Kajanja uwo yali umututsi udakomeye cyane aliko afite imisozi yatwaraga mu Bwanamukali ho muli Teritwari y'Astrida, ubu ni muli Prefegitura ya Butare.
- Rubibi cyali igisingizo cy'umugabo witwaga Rutamu rwa Kabera, nawe yali umututsi ukomeye agatwara imisozi muli Teritwari y'Astrida, ubu ni muli Prefegitura ya Butare.

Iryo benga ryabaye ku ngoma ya Musinga.

Dore urundi rugero rwo kubenga. Umukobwa witwaga URUJENI w'umwana w'umwami, bashatse kumushyingira umuhungu witwaga MPUNGA ya MUSONI, wali utuye ahantu hitwa i Nyabihu ho mu Buganza bwa ruguru. Ni uko Urujeni aramubenga, abivuga mu magambo, hanyuma baza kubibyina mu mbyino ikulikira:

"Urejeni wa Yuhi yaralize;
"Nyina umubyara aramubaza;
"Ni nde ukulijije Urujeni;
"Naba umuhutu bamubohe;
"Naba umututsi bamunyage;

"Ati umuhutu arantutse;
"Ngo ndarongorwa ili joro;
"Ngo na Mpunga ya Musoni;
"Nyina ati ntakubeshye;
"Urarongorwa ili joro;

"Urujeni arashinga rarahira;
"Ati simushaka mba nkuroga;
"Urwo rwanda rw'uruhutu;
"Rudahinga ntiruhakwe;

../..

"Rwakubise nyakalima; (1)
"Rwayamaze inkenekene; (2)
"Sinjya i Nyabihu mba nkuroga;
"Haba uruhuha rw'umuyaga;
"Haba amahindu akica inka;

"Amata yaho ntavura;
"Barayavuruga ntanoge;

"Bayacunda ntavuge"!

(1) Nyakalima ni umulima muto .
(2) Inkenekene: ni imisigati ikili ibitoka: uwo mukobwa yashakaga kuvuga ko Mpunga yahinze amasaka make nayo akayamara ayaryamo imisigati atarera, ngo atiranyemo amasaka meza ayateme, arye imisigati y'ibyagumbwa !!

<u>Aliko se byagendaga bite mu gihe cyo gusaba</u> ?

Mu gihe cyo gusaba, se w'umuhungu yajyanaga inzoga kwa se w'umukobwa agiye gusaba umugeni. Yagendaga aliko yarabanje kubivugana na bamwana we. Ni uko Nyirurugo agatumira abavandimwe n'inshuti ze, kugira ngo nabo bazaze gutanga umugeni cyangwa kumwimana haramutse habonetse imhamvu ibabuza gushyingira kwa Naka ! Igihe cy'imisanga cyamaraga kugera, umushyitsi mukuru agahabwa ijambo maze akavuga icyamuzanye nako ikimugenza. Abasabwa umugeni basanga bo n'umuryango wabo nta kintu na kimwe bapfa n'abo mu muryango uje kubashakamo umugeni, bakemera kubashyingira. Ku munsi wa mbere wo gusaba, bajyanaga inzoga n'isuka. Iyo babaga bazakwa inka, bajyanaga n'agati gafite amashami abili kitwaga "Isando", kagashushanya inka. Bashoboraga gukwa inka imwe cyangwa se umunani, bakulikije ubukire n'umutungo w'umuryango usaba umugeni. Bashoboraga no gukôsha amasuka umunani cyangwa se umubare uyu n'uyu bakulikije akarere batuyemo. Naho ubundi bagashyingilira ubuntu. Aliko rero, uwabagaga yarakoye amasuka, iyo yungukaga inka cyangwa akayigabana, yagombaga gukwera kwa sebukwe, kuko amasuka nayo bayafataga nk'ubuntu.

Mu mhande zimwe na zimwe z'u Rwanda, bashoboraga gusaba umwana w'umukobwa ukili ku ibere, incuke cyangwa se inda nyina w'umwana agitwite !

../..

Umwana w'igitambambuga yabaga asabirwa umuhungu wo mu kigero kimwe, bikagirwa ku buryo bwo guterekera. Iyo nda iyo yavukagamo umuhungu, yanywanaga n'umuhungu wasabirwaga iyo nda nyine, ~~nub~~ yaba ivutsemo umukobwa akazarongorwa n'umuhungu wasabiwe iyo nda. Muli ubwo buryo bwombi bwo gusaba, bajyanaga amayoga buhoro buhoro,kugeza igihe abana bombi bakuliye bagashyingirwa cyangwa se bakanywana !

Aliko se nta bundi buryo bwo gusaba no gukwa bwaliho kandi bwakoreshwaga mu Rwanda rwo hambere ?

Haliho ubundi buryo bwo gusaba no gukwa alibwo bitaga "gutenda". Ese ibyo byagendaga bite ? Umuntu w'umukene wabaga adashoboye kuboneraho inkwano, yashoboraga kwumvikana na se w'umukobwa yabaga ashaka gusabira umuhungu we, akamubwira ko nta nkwano ya rubura munsi ashobora kubona; bagasezerana imibyizi azajya amuhingira buli cyumweru ! Ni uko uwo mugabo cyangwa umuhungu we akajya mu ruharo rwo gutenda, agahingira iwabo w'umukobwa imibyizi basezeranye kugeza igihe azayirangiliza bakamushyingira. Ubwo aliko ntiyahingagaga ngo areke kujya atura amayoga, yarabifatanyaga byombi. Igihe cyarageraga ubukwe bugataha. Iryo tenda aliko ntabwo ryabuzaga umugabo gukwa iyo yabaga amaze kunguka ibintu cyangwa se akagabana inka mu buhake !

Haliho n'ubundi buryo bwo gusaba no kurongora: gutahira. Abasore bo mu bakire b'abatunzi basabirwaga abageni kandi bakarongora ku buryo bwo gutahira. Uti ese byagendaga bite ? Byali biteye bitya: umugabo Runaka wabaga ashaka gusabira umuhungu, yashoboraga gutuma umuntu kwa Naka ubyiruye inkumi, kumumubwilira ngo amuhe umugeni. Se w'umukobwa yamaraga kwemera ko atanze umugeni, ni uko se w'umuhungu akarobanura inyana z'amashashi umunani, agatunganya amayoga byo kujyana gusaba umugeni. Ni uko agatora abakwe balinganiye, ni uko bakajyana n'umuhungu usabirwa.
Mu gutora abakwe, se w'umuhungu yagomba gushyiramo abahanga bo kurya kuko kwa bamwana we babagaga ikimasa cyangwa se ingumba ku munsi wa mbere w'isaba. Bakarya bakanywa, semuhungu akarongorera kwa sebukwe. Bwamaraga gucya, se w'umuhungu n'abali bamuherekeje bagataha, bagasiga umukwe kwa sebukwe na za nyana umunani!

../..

Ni uko wa musore akabana n'umugeni we kwa sebukwe, bali mu rugo rwabubakiwe ku nkike cyangwa se ahitaruye gato. Umugabo akabana n'umugore atazi, atarabona na limwe kubera ko, uwo mugeni yilirwaga mu nzu hatabona, babonana ni njoro nabwo ntihabe habona. Icyakora umugore yashoboraga kubona umugabo, arebeye mu myenge y'ibyomanzi mu gihe umugabo yabaga yicaye mu muryango cyangwa se ali mu rugo hagati.

Mu gihe cy'ubugeni bushya, umuhungu yashoboraga kumara iminsi umunani kwa sebukwe, hanyuma akanyarukira iwabo kubasûra nabwo akahamara iminsi umunani, agasubira kwa sebukwe. Noneho akamarana n'umugore we amezi abili akabona gusubira gusûra iwabo, nabwo akahamara igihe kingana gityo! Akongera gusubira kwa sebukwe, akagumayo kugeza igihe bazashakira kumwohereza iwabo akajyana n'umugore we. Habagaho ubwo umugabo ava mu gutahira abyaye limwe cyangwa se kenshi ndetse n'inka yakoje zibyaye.

<u>Uti ese byagendaga bite mu gihe cyo gusezerera umukwe ava mu butahira?</u>

Se w'umukobwa yengeshaga amayoga menshi, agatumira se w'umuhungu, inshuti ze n'abavandimwe. Bamara guterana, akazana umukobwa we n'umukwe we n'urubyaro rwabo, bakicara mu ruhame. Ntibicire aho, agatumiza za nka umunani n'inyana zazo. Byose byamara gutungana, bakanywa amayoga akaza kuvuga ijambo ryatumye akoranya iyo mbaga, ko ali imihango yo kwohereza umukwe n'umukobwa be n'abana babo kwa bamwana we. Ni uko uwo mukambwe akamulikira abali aho bana n'abuzukuru be, akabereka inka n'izazo. Ni uko se w'umuhungu agahabwa ijambo, noneho agakwa ku mugaragaro muli za nka yali yarazanye ku munsi wa mbere w'isaba n'itahira ry'umuhungu we. Akabwira bamwana we ali nawe se w'umukobwa ngo atoranye muli za nka, afate iyonsa yumva imuguye ku mutima. Iryo hitamo ryamara kurangira, se w'umuhungu agashorera inka indwi zisigaye n'inyana zazo, akajyana n'umuhungu we n'umukazana we ndetse n'urubyaro rwabo. Ni uko umugabo agashimana n'umugore bali bamaranye imyaka n'imyaka batarabonana ngo bamenyane ! Aliko rero muli iryo tahira, hali ubwo umugabo n'umugore batashobokanaga, ndetse bakaba bashobora kubengana, bagatâna bataziranye na busa !

../..

Aliko se nta gihe umukobwa yarongorwaga batagombye kumusaba ababyeyi be cyangwa se abandi bantu bamurerag̶a ? Byarashobokaga kandi byali biteye bitya: umuhungu w'umusore cyangwa se umugabo washatse yashoboraga kurongora umukobwa rwihishwa alibyo bitaga "kwiba umukobwa"! Umukobwa yarongorwaga atyo kubera akagambane ka bamwe mu bo babaga bafitanye isano: nyirasenge, nyinawabo, mwene nyina, musaza we, sewabo, nyirarume n'abandi.. Bene abo bantu b'abagambanyi bumvikanaga n'umusore cyangwa n'umugabo washatse, bakamubwira ko bazamubonera umukobwa nyiranaka ashobora kurongora bujura, kandi bakazamuhakirwa ku babyeyi be kugira ngo batazamuteraho amahane nyuma yo kurongora! Umuhungu muzima inama akayishima, agahengera amagingo yabwiwe ageze, akikorana umwishywa cyangwa se imbazi, yaca imitwe na wa mukobwa akamwambika wa mwishywa mu mutwe cyangwa agatapfuna imbazi akazimuvundereza mu mutwe, agaturagara akivuga ati: "Ndakurongoye ndi inkuba ya Kanaka"! Umusore yamaraga kurongora agaca ikibungo akitahira ! Igikuba kigacika ngo nyiranaka ararongowe ndetse ab'inkwakuzi bakaba bavugije imhundu z'urufaya ! Iyo byaramukaga bigenze bityo, uwo mukobwa yagombaga gutaha kwa wa muhungu wamuteye umwishywa cyangwa se wamuvundereje imbazi mu mutwe. Ngo cyaraziraga ko umukobwa arara atamaze imihango yo kumara amavuta. Umusore akarongora atyo ku buryo bwa kijura, hanyuma hakazakulikiraho imihango yo kujya gusaba ali nabyo bakundaga kwita "kujya kwirega ko yibye umukobwa"

Haliho abakobwa batashoboraga gusabwa ngo bashyingirwe ahubwo bagahanishwa urupfu:

a) Umukobwa w'imha: imha ni umukobwa utagira imigenzo ya gikobwa yo kurwara cyangwa se kuzira inka ~~zyx~~ kandi ageze mu gihe cy'ubukumi. Urugo bene uwo mukobwa yabaga abonetsemo rwabaga rugushije ishyano. Mu Rwanda rwo hambere haliho itegeko ryo kwohêra imha mu ruzi cyane cyane mu rwo bita Akagoma. Haliho imvugo abantu bakundaga gukoresha, bishongora ku muntu ubasabye iki n'iki, yaba avuze ati: mha iki, bakamusubiza ngo "Imha ziba mu kagoma"! Abakobwa b'imha bapfaga rumwe n'urw'abakobwa batwaraga iz'indaro. Abakobwa batwaraga iz'indaro bahanirwaga icyaha bakoze, naho abandi bagahanirwa icyaha batakoze, kandi nta muntu ushobora gukura kamere. Bakirengagiza wa mugani :"Kamere ntikurwa na reka"!

../..

b) <u>Umukobwa w'imhenebere</u>: imhenebere ni umukobwa udafite amabere kandi aba ageze mu gihe cyo kuyamera. Bene uwo mukobwa umusanganana agatuza gateze nk'ak'abagabo.
Mu Rwanda rwo hambere bavugaga ko uwo mukobwa ali ikimara.
Umuryango wabaga ubyiruye umukobwa nk'uwo wabaga ugushije ishyano. Ntabwo yashoboraga gushyingirwa ngo abe umugore nk'abandi, ahubwo amategeko n'umuco w'igihugu byateganyaga ko bene iryo shyano lirohwa ishyanga, bakagomba kumuroha mu ruzi cyane cyane mu Kagoma cyangwa Akagera niho hakunda kuvugwa mu mateka y'u Rwanda.
Ubwo rero uwo mukobwa nawe agahanirwa icyaha atakoze, agapfa rumwe n'urw'imha, bombi bagasangira igihano n'abakobwa batwaraga inda y'indaro. Aliko se uretse ko abantu bakunda kwigiza nkana, babona ko umukobwa ashobora kubuza amabere ye kumera boshye aba yanze kuba nk'abandi bakobwa !

<u>Aliko se nta mukobwa washoboraga gusaza atarongowe kandi afite ingingo zose kimwe n'abandi bakobwa</u> ?

Byarashobokaga, umukobwa wabaga yaravutse ali ikirema cyangwa yararemaye ali mukuru, baramubengaga agahera ku ishyiga.
Iyo icyo kirema cyabaga cyaravûtse mu muryango w'abakire b'abatunzi cyangwa se b'abatware, se w'umukobwa yashoboraga kubwira umugaragu we ko azamuha inka, akamukiza cyane naramuka arongoye uwo mukobwa w'ikimuga. Ni uko umugaragu akanga kwiteranya na shebuja, kandi akumva aryohewe n'umukiro azakomôra kuli iryo rongora, akemera kurongora wa mukobwa ! Naho uwo mu batindi badashobora kubona ibyo bateba kugira ngo ashyingirwe, agasazira ku ishyiga !
Haliho n'abakobwa bazima basaziraga ku ishyiga, bamwe babiterwa n'uko bagiye babenga cyane, abahungu bagasigara babatinya.
Abandi bakazira ko babaga bavuka mu bwoko bubi, mu batera-mwaku !
Ibyo nabyo byali amashyengo, kuko abantu bose ali kimwe, bavuka ku buryo bumwe bakagira amaraso amwe n'umubili umwe !
Abantu bamwe bajyaga aho bakavuga ngo:"abavuka mu muryango uyu n'uyu ni abanyamaraso mabi"!

../..

## II. Umutegarugoli wo mu Rwanda rwo hambere.

Kugira ngo dusobanukirwe neza ijambo "umutegarugoli", ni ngombwa gusobanura:

- ijambo urugoli n'uko rukorwa,
- uwategaga urugoli n'imhamvu yatumaga arutega.

### a) Urugoli rwaremwaga mu ki ?

Urugoli rwaremwaga mu gikenyeli cy'ishaka. Batoranyaga igikenyeli kibyibushye kandi gifite ingingo ndende. Bashoboraga gufata ingingo ebyili zacyo, bakaziteka mu mazi cyangwa se ku bijumba kugira ngo gishyuhe cyane, biborohere kugitamura batandukanya igihu cy'inyuma n'umutima w'imbere aliwo gikenyeli nyacyo. Ibihu cyangwa se igishishwa cy'icyo gikenyeli bakabiteranya mu gishushanyo cy'uruziga,bakabifatanya bahereye ku mitwe y'ingingo bapfumuza uruhindu kandi bakabibohesha umugozi unoze neza. Iyo ibice byombi by'urugoli batarabiteranya,usanga biremyemo impande enye zitangana ziteye nk'urukiramende, uburebure busumba ubugaliho incuro nyinshi. Nkuko urugoli baruremaga mu gikenyeli, abantu benshi bakundaga kurwita "Igikenyeli". Ndetse abantu bamwe na bamwe barwitaga "Uruhete". Urugoli rufata ibara ry'igikenyeli rwakozwemo nako rwaremwemo. Mu kinyarwanda cyiza, ntibavugaga ko urugoli rukorwa, bavugaga ko "ruremwa". Urugoli kandi ntibavugaga ko rugurwa, ahubwo ko "rukoshwa".

Hambere amafaranga ataraduka mu Rwanda, uwashakaga gukôsha urugoli yajyanaga imyaka, ubutega, ibitare cyangwa se umuringa, bakamuha urugoli rumwe cyangwa se nyinshi zihwanye n'ibyo yabaga azanye.

### b) Ni nde wategaga urugoli kandi arutegeye iki ?

Umugore ubyaye kandi ufite umugabo yagombaga gutega urugoli. Yabaga arutegeye ububyeyi n'umugabo we. Uwo mubyeyi si we wajyaga kwikoshereza urugoli: yamaraga kubyara umwana w'imfura, nyirabukwe akarumuha cyangwa se, ababyeyi b'uwo mugore baza kumuhemba bamuzaniye amata n'inkwi, igikoma n'inzoga y'urwagwa y'umugabo, bakamuzanira n'urugoli. Umutegarugoli yajyaga guhemba umukobwa akamushyira urugoli, yabanzaga kuruha umukwe we akarutamiliza, nawe agahindukira akarutamiliza umugore we mu mutwe.

../..

Umugore wese wabaga afite abana n'umugabo, yagombaga gutamiliza urugoli, kabone n'iyo yabaga atakibyara.
Iyo umugore yapfushaga umugabo ntiyashoboraga kwongera gutega urugoli. Ndetse hali umugani bacaga babonye umugore utamilije urugoli kandi ali umupfakazi : "Ubupfakazi bushya butegesha urugoli"! Bakundaga kuwuca babonye umugore uteze urugoli, hashize iminsi mike apfushije umugabo we, aliko ataruregeshejwe n'uko bimuhimbaye, ahubwo abigilishijwe n'amazinda y'akamenyero.
Umugore w'imfusha cyangwa se w'ingumba ntiyategaga urugoli, kabone n'iyo yabaga afite umugabo. Aliko rero ngo nta tegeko litagira irenga-yobora: umugore utabyara cyangwa imfusha n'umupfakazi bashoboraga gutega urugoli barutegeye u Rwanda mu minsi y'ibiroli, byarangira ntibongere kurutega.

Urugoli rwahoranye agaciro gakomeye mu Rwanda.
Ababyeyi bakarwubaha cyane. Ndetse uwashakaga gutuka undi kutabyara cyangwa gupfusha yagiraga ati: "Kanaka na Nyiranaka barakabura urugoli", cyangwa ngo: "Ntibagatege urugoli"!
Iyo umutegarugoli yakurahiraga ati: "Ndakabura urugoli", yabaga abikuye ku mutima, ni nk'aho yakubyiye ati:"Ndagapfakara", cyangwa ati: "Ndakabura ikibondo"!
Gutega urugoli byasobanuraga ububyeyi bufite umugabo.
Ubusanzwe mu Rwanda, umugore ni umubyeyi kabone n'utarabyara cyangwa se imfusha n'ingumba, bafatwa mu mwanya w'ababyeyi, niyo mhamvu babahaye izina "abategarugoli". Umugore wese bamwise umutegarugoli, babyendeye ku ijambo "<u>urugoli</u>".

<u>Umutegarugoli yambaraga myambaro ki</u> ?

Umutegarugoli yambaraga inkanda ikanwe mu ruhu rw'inka. Uwo mwambaro wali ugenewe umutegarugoli wese, akawambaraho umukenyero. Uwaramukaga adashoboye kwambara inkanda kubera ko adashoboye kuyikanisha, yashoboraga kwambara imhuzu ikomye mu gihu cy'umuvumu n'ibindi.
Abagore b'abatware n'abandi bantu bali bakize, bakenyeraga inkanda, bagashobora kwitera izindi mhu z'inyamaswa nziza z'umuhigo cyangwa se bakitera imhuzu z'ibikomora.
Umugore w'umuntu w'umukene iyo yabonaga inkanda, kenshi ntiyashoboraga kubona icyo agura umwitero, aliko haliho abashoboraga kwitera imhuzu z'udusazirwa cyangwa se bakitera imhu z'inyana!

../..

Umutegarugoli yafatage ate umukenyero we (inkanda) ?

Hali abaza guseka nibumva ko umutegarugoli yamesaga inkanda ye, bibaza ukuntu uruhu rumeswa bigashoboka ! Si ikinyoma, ni imhamo rwose. Uti ese byagendaga bite ? Umutegarugoli yakwenderaga utubuye duto bitaga "inkurwe", akaduhonda neza, akadushungura, maze agapfunyika agafu katwo. Ako gafu kabaga gasa n'igitaka cy'urugina cyangwa n'umwura. Hanyuma akavoma amazi, agashaka utwatsi dukomeye nk'imicaca, ni uko akarambura inkanda ye mu byatsi kugira ngo itaza kwanduzwa n'ibyondo by'aho amazi aza kumeneka. Akajya amena amazimake make kuli ya nkanda, akaminjiraho agafu k'inkurwe maze agakubisha ya micaca cyangwa utundi twatsi. Aliko rero ntuze gukêka ko yamesaga nako yahanaguraga ahali ubwoya, reka da, yasukuraga ku bunyama bw'inkanda. Yamaraga gukûba no gukunyura iyo nkanda, akunyuguza neza, akayumutsa gato.
Iyo nkanda umutegarugoli yarayôsaga; yakoreshaga umubavu wavaga mu mwotsi w'uduti duhumura neza nk'imisagafu n'ibindi ! Uti ese yabigenzaga ate ? Yakwenderaga utwo duti, akadushyiraho urukongi, hejuru yatwo akûbikiraho urutete maze akorosa ya nkanda hejuru y'urutete, uwo mwotsi w'umubavu ugacumbira ku nkanda. Ubwo aliko yosaga iyo nkanda abanje kuyisiga amavuta menshi na nyuma yo kuyosa akongera kuyisiga.

Ibindi byambarwa by'umutegarugoli:

Umutegarugoli akulikije urwego yabaga alimo, yashoboraga kwambara:
- ubutega cyangwa se inyereli,ku maguru;
- ingoro cyangwa se imilinga, ku maboko;
- ibitare byambarwaga ku maboko, ndetse habagaho n'ababyambara ku maguru;
- inigi, zambarwaga mu ijosi no mu nda.

Hambere umugore wabaga yambaye imilinga myinshi, bakundaga kumwita "Rusoko rw'imilinga". Yabaga ali umukungukazi cyangwa se ali umutwarekazi. Bigaragalira mu gisingizo bahoze balirimba hambere, cyahimbiwe umwe muli bene abo bagore, ali nacyo kili mu magambo akulikira:

../..

"Ni iki nyamusekera i Gasange,
"Ab'i Gasabo bakabaliliza,
"Ngo iyo nseko ni iya nde,
"Ni iya Rusoko rw'imilinga,
"Ni nyirasenge wa Rwamurinda"!

Hali n'imvugo isanzwe mu kinyarwanda bakundaga kuvugira ku muntu wahoze akize,hanyuma agakena. Abatali bamuzi bahoraga bibwira ko atigeze akira. Abandi bakababwira bati :"Ntawe urata inkovu z'imilinga", uliya muntu yazeho ali umukungu cyane, none yarakennye, ntimukamuseke !

Iyo inkanda yacikaga kubera ubusaze cyangwa se hakagira ikindi kiyirya, umutegarugoli yashoboraga kuyibalira, ayiteyemo ikiremo cyangwa se akayibaliliza umwisire. Kenshi uwo mulimo wakorwaga n'abakannyi. Iyo bitashobokaga kuyibalira no guteramo ikiremo, iyo nkanda bashoboraga kuyisasira umwana cyangwa se nyirayo nawe akajya ayisasira. Umugore nubwo yambaraga inkanda bwose, bali bazi ko ali umunyamutima cyane ni naho bendeye baca uyu mugani ngo: "Umugore aculika inkanda, ntaculika umutima"/

<u>Uretse gutamiliza urugoli, nta kindi kintu umutegarugoli yambaraga nako yategaga mu mutwe</u> ?

Nta kindi kintu umutegarugoli yategaga mu mutwe, uretse n'ibyo nta n'umusatsi yaterekaga, ngo ajye ahora awusokoza kandi awushyigashyige. Abagore biyogosheshaga inkomborera, ali nabyo bitaga"<u>kumora</u>" ali ko kwogosha umusatsi bakawumara ku mutwe. Muli uko kwogosha bakoreshaga icyuma cyacuzwe n'abacuzi kavukire, mbere y'uko abacuruzi b'abanyamahanga badukana inzembe. Ntiwibwire ko umuntu ubonetse wese yashoboraga kwogosha, ashwi da! Haliho abantu bazobereye mu bwogoshi, ugasanga abashaka kwiyogoshesha babagana, bakabogosha babahaye inshuro cyangwa se bakabogosha ku buntu. Nta muntu uyobewe ukuntu umusatsi unoga, n'uko icyuma gicuzwe kinyarwanda cyabaga kimeze, hagombaga abantu b'abahanga bo kugityaza cyane kugira ngo gishobore guca umusatsi. Abacuzi bali aba mbere mu gutyaza,aliko haliho n'abandi banyarwanda b'bahanga batasigaye inyuma mu byo kugema icyuma imbuga!

../..

Umuntu wabaga azi kwogosha, yashoboraga kwogosha umuntu uwo aliwe wese, keretse umukecuru umubyara. Hali n'ilindi jambo ryasobanuraga kwogosha aliryo "kumwa". Ni naho uyu mugani waturutse uvuga ngo: "Uwiherereye amwa nyina" cyangwa se "uwihererereye yogosha nyina"!

## Umutegarugoli yali afite mwanya ki mu rugo ?

Yali afite umwanya ukomeye cyane: bamwitaga "umutima w'urugo". Yali umubyeyi, akaranganwa imhuhwe n'ubugwaneza. Akaba umubyeyi wita ku burere bw'abana kurusha umugabo we. Abana baba bameze neza nawe akanezerwa, hagira urwara, nawe akarwara, akabura amahoro, akabura ibyicaro. Agahora abaza umuhisi n'umugenzi ko yamenya indwara umwana we arwaye ! Agahurwa ibiryo no kuryama, kugeza igihe ikibondo cye gikize icyago. Ni aho bendeye baca iyi migani y'ikinyarwanda ivuga ngo: "Urusha nyina w'umwana imbabazi aba ashaka kumurya", n'undi uvuga ngo "Imfizi irabyara ntivumera"! Umwana yabaga yagôwe n'amalira, maze nyina akamuvugiliza ubuhuha cyangwa akamubyinira ibihozo, ndetse ugasanga avangamo n'ibitutsi yitilira umulilije umwana. Dore amabango y'igihozo ababyeyi bakundaga kubyinira abana babo:

"Ninde undililije umwana,
"Yogacaracara,
"Yogacana injishi,
"Akenyegeza ibiheko,
"Yokabura abe bana,
"Ingumba rutavumera,
"Nta nkovu igira mu nda,
"Ntizi ikiliza umwana,
"Bayibajije umuti w'umubyeyi
" Iti umukoni na madwedwe.."!

Umutegarugoli yali nyamhinga, akamenya kwakira abagana urugo rwabo, akabafata neza cyane nabyo bigatuma ashimwa n'umugabo we kandi n'inshuti z'umugabo we zikamushima.
Yahoraga akora uko ashoboye kwose kugira ngo ashimishe umugabo we.

../..

Umutegarugoli yali afite gaciro ki mu rugo ?

Mu Rwanda rwo hambere nta mategeko yaliho aha umutegarugoli agaciro. Ntabwo bemeraga ko afite uburenganzira bumwe n'ubw'umugabo. Aliko rero, umutegarugoli yagiraga agaciro kashyizweho na kamere muntu mu Rwanda. Ako gaciro yagahabwaga n'uko abyaye.
Ni nabwo yumvaga abaye umubyeyi, agatega urugoli arutegeye ukuli, ntibikomeze kuba imvugo gusa. Akaba nyina w'abana, umutima w'urugo, umunyamhuhwe,mbese akaba mhinga-nzima cyangwa se nyamhinga.
Umwana yaravûkaga imhundu zikavuga, bakasa inkwi z'umubyeyi, bakamucanira ngo asusuruke, ahhire umushyitsi. Bagatinda ikilili cy'umubeyi mu kirambi cy'ubulili. Mu batunzi bakabyukurutsa inka zo gukamira umubyeyi n'uruhinja. Naho mu boro, bagakwira mu baturanyi basaba amata y'umubyeyi. Nta muntu washoboraga kwimana ayo mata, kabone n'iyo yabaga yarananiranye ku bundi buryo, abantu bose babaga bishimiye ko bungutse undi muntu.

Iyo umugore yabyaraga abakobwa yikulikiranya nta gahungu na kamwe, ibintu byatangiraga kugenda ukundi mu rugo, agaciro k'umutegarugori kagatangira kugabanuka. Ugasanga umugabo we aganya ngo agiye kuzabura umuhungu umuzungura. Ni uko agatangira kwita amazina y'amagenurano, amwe ni aya: Ntabugibudakeba, Nkundizanye, Zanabo, Ukwigize, Nakabonye...! Umugabo agahora yijujûta kubera ko abandi babyirukanye babonye abahungu babakura mu milimo mibi y'ubuhake, gufata igihe no gutabara, naho we akaba akora imilimo ya gicike.

Uretse ko umugabo yababazwaga no kubyara abakobwa gusa bigatuma arakalira umugore kandi amurenganya, bene uwo mutegarugoli yumvaga urwo rubyaro rumushimishije. Uti ese kuki ?
Abo bakobwa bamufashaga imilimo y'urugo, ndetse imwe n'imwe bakayimukuraho.

Hali ikintu cyaremaga umugabo agatima; ni uko abakobwa be yagombaga kuzabashyingira, akabakosha inka kandi bakamuzanira amaboko yo mu miryango y'ahandi. Limwe na limwe wasangaga umugabo ubyaye abakobwa benshi akunda kubita bene aya mazina Nyirazaninka, Nzamukosha, Nzamugurisuka, Murorunkwere n'andi..

Ubusanzwe, iyo umugabo yabaga abyaye abahungu, bashoboraga kumucungura ku milimo mibi y'ubuhake n'itabaro. Ndetse n'aho abazungu badukiye mu Rwanda, abana b'abahungu b'ingaragu bashoboraga kujya gucungura se ku kazi cyangwa guhinga uruharo rw'ibutware !

../..

Umugabo wabaga yarabyaye abakobwa gusa, yarindaga akubitwa ingata mu ibondo, akirya akimara. Yababazwaga no guhakanwa no gutabarana n'abahungu ndetse n'abuzukuru ba bagenzi be babyirukanye.

Hali ubwo habaye igitangaza mu gihugu: umugabo yabyaye abakobwa basa,abura umuhungu wamukura kuli ya milimo imaze kuvugwa haruguru. Agahora yinubira gutabarana n'abahungu ndetse n'abuzukuru ba bagenzi be babyirukanye. Umunsi umwe, umukobwa we witwaga Ndabaga, yumva amaganya ya se, maze yihererana nyina aramubwira ati:"Aho kugira ngo data ajye ahora yijujûta ngo iyo abyara umuhungu ntaba atabarna n'abuzukuru ba bagenzi be, ngo aba ajya kumucungura, ngiye kugerageza uburyo bwose nzajye kumutabalira"! Nyina ati :"Ese mwana wanjye uzabishobora ute kandi uli umukobwa, n'imbeshyerwe kirazira mu Rwanda ko umukobwa ajya ku rugamba ngo arasane kimwe n'ábagabo kandi umwami aramutse amenye ko watabaye uli umukobwa yazaturimbuza ifuni iheze"! Ndabaga ati:"Nzabishobora kandi kugira ngo batazamenya ko ndi umukobwa, ngiye kujya ngendana kandi ngenderana n'abahungu, njye nsimbukana nabo urukiramende, duterane uruziga, niyerekane nabo ingabo, dukinane inkota, ntere icumu hamwe nabo, turase intego hamwe. Nzajya nambara n'imyambaro nk'iy'abahungu"! Ni uko uwo mubyeyi azibukira umukobwa we, asigara amuteze amaso !

Ndabaga atangira ya myitozo yose: gutera icumu, gusimbuka urukiramende, kwiyerekana ingabo, gutera uruziga, kurasa intêgono gukina inkôta. Abimenyera vuba ndetse akajya atebya abahungu bakinanaga. Hashize iminsi mike, umwami agaba ingabo zo gutera abagomeye ingoma no kugarura u Rwanda. Ndabaga abyumvise abwira se ati:"Umva rero data, dore igihe waruhiye, none ngiye kukuruhura, ntabare mu kigwi cyawe"! Ni uko umukabwe wawe abaza Ndabaga ati:"Ese mwana wanjye uzabishobora uli umukobwa kandi umwami aramutse amenye ko watabaye uli umukobwa yaturimbuza ifuni iheze "! Umukobwa muzima aramushubiza ati:"Nzabishobora kandi ntawe uzashobora kumenya ko ntali umuhungu ndetse nizeye ko nzaba intwali ku rugamba"! Umukabwe we aramuzibukira, ni uko Ndabaga aratabara. Ni aha bendeye mu guca uyu mugani ngo: "Amagambo ageze iwa Ndabaga", ni ukuvuga ko bigeze igihe umukobwa akora ibyo yaziraga, agacungura abagabo ku rugamba rukomeye !

../..

Urugamba rumaze kwanzikana, Ndabaga aca icyuho mu ngamba z'ababisha, yaralika imirambo, maze atahana imheta y'ubutwali. Ni uko uwo mukobwa-hungu ajya mu itorero ry'intwali zabaye ingenzi ku rugamba! Ngo abamubonaga bose, basangaga ali umusore usa na bike! Bukeye, umwe mu bagore b'umwami aramwitegereza, yumva amubengutswe, ni uko aramubwira ati: "Uzanyaruke iki gihe n'iki, uze nkubwire"! Ndabaga yitaba nyirabuja ku gihe yali yamubwiye. Nyamugore amwakira neza,amuha akayoga baranywa, baraganira cyane. Bigeze aho, nyamugore abwira Ndabaga ngo baryamane, undi aranga. Noneho umugore aramufata kuli kiboko,aliko Ndabaga aramwinyugushura arasohoka. Nyamugore abibonye atyo, atinya ko Ndabaga azamutanga akabibwira umwami,ni uko atangira kugambana n'abagabo b'ibinyoma bazashinja Ndabaga ko yaje gusambanya umugore wa Nyilingoma. Iyo nama imaze kwuzura, wa mugore ahengera abatware bakuru n'intwali z'umwami bashengeye ndetse na Ndabaga ahali,maze abwira umwami ati: "Nyagasani ndakuregera uyu musore witwa Ndabaga: yaraje ansanga mu nzu, maze atangira kumbwira ngo turyamane ku gisasiro cy'umwami, mwangiye atangira kumfata kuli kiboko, namwamuruweho na Naka na Naka "! Ni uko Ndabaga na bagenzi be bagwa mu kantu! Umwami ategeka ko bica Ndabaga.
Aliko mbere yo gupfa, Ndabaga abwira umwami ati: "Nyagasani ngusabye ikintu kimwe gusa mbere y'uko untanga ngo mfe"!
Umwami ati "Ndakiguhaye"! Ndabaga abwira umwami guheza abantu bali aho bose ndetse n'umugore we! Umwami akora uko Ndabaga amusabye. Ni uko Ndabaga yiyambura imyambaro ye maze abwira umwami ati: "Nyagasani uko ureba ubu bwambure bwanjye bwatuma nsambana n'umugore w'umwami "? Umwami yitegereje Ndabaga biramutangaza maze aramubaza ati: "Burya bwose uli umukobwa w'intwali ku rugamba kurusha abagabo? Byatewe n'iki kugira ngo utabare mu bagabo kandi cyali ikizira mu Rwanda"? Ni uko Ndabaga atekerereza umwami uko byagenze byose. Noneho umwami abwira Ndabaga ati: "Humura ntugipfuye, ahubwo ngiye kukurongora"! Ni uko umwami ahamagaza abali bashengeye bose ndetse na wa mugore, ababwira ko Ndabaga atali umuhungu, ahubwo ali umukobwa kandi ko agiye kumurongora ! Ategeka ko bica wa mugore wabeshyeye Ndabaga, ahaniwe ko yali agiye kwicisha umuntu w'utaranganwa icyaha.
Ni uko umwami atuma kuli se wa Ndabaga, amubwira ko agiye kurongora umukobwa we, amugabira amashyo y'inka n'imisozi. Umuryango wa Ndabaga utunga utyo, utungishijwe n'ubutwali bwe!

../..

Umutegarugoli yagiraga bwoko ki ?

Mu Rwanda rwo hambere, umugore ntiyagiraga ubwoko. Umukobwa yitilirwa ubwoko bw'ababyeyi be atarashyingirwa, yamaka gushaka umugabo, akareka ubwoko kavukire, akitilirwa ubw'umuryango w'umugabo we. Yagomba kuzililiza icyo yasangaga kizira muli uwo muryango, naho icyo yaziraga mbere akakizirura. Ikindi cyemeza ko yabaga yarahinduye ubwoko, ni uko yapfushaga se na nyina ntabirabulire cyangwa se ngo aberere, ahubwo akirabulira sebukwe na nyirabukwe ndetse n'umugabo we !

Umutegarugoli yifataga ate imbere ya sebukwe na nyirabukwe ?

Umutegarugoli yahoraga atinya sebukwe cyane kandi amwubaha, ndetse akubaha na nyirabukwe kimwe n'uko yubahaga umukecuru we. Umutegarugoli yaziraga kuvuga sebukwe na nyirabukwe mu izina, nta n'ubwo yahuze ngo avuge amazina ajya gusa n'ayabo. Aho kuvuga amazina yitiranwaga n'abo bakambwe, yaragenekerezaga, abo abwira cyangwa ahamagara bakabimenya. Dore urugero: iyo sebukwe yabaga yitwa Habimana, aho kuvuga iryo zina yavugaga ngo Habingomoke, aho kuvuga Immana akagira ati: Ingomoke n'ibindi. Yabigenzaga atyo no ku mazina yitiranwaga na nyirabukwe. Iyo yashakaga guhamagara sebukwe, yashoboraga guhamagara umwana muto w'uwo mukambwe, maze akamenya koali we bahamagara akitaba. Naho yashaka guhamagara nyirabukwe, akamuhamagara mu izina ry'umukobwa we muto, cyangwa ry'umwuzukuru wabaga abana n'uwo mukecuru, akamenya ko aliwe uhamagarwa, akitaba ! Kenshi abakazana bakundaga kwita ba nyirabukwe "Shenge"! Umutegarugoli yahoraga yubaha nyirabukwe nkuko yubahaga nyina wamubyaye akamutegera urugoli! Yaramutinyukaga akamwegera, akamugisha inama mu bintu byose. Iyo habaga ibintu bitameze neza mu rugo, umukazana yabimenyeshaga nyirabukwe kugira ngo azahane umuhungu we.

Aliko nubwo cyali ikizira kuvuga sebukwe na nyirabukwe, umukazana yashoboraga kubavuga mu izina igihe yabaga abandwa! Mu kinyarwanda bavugaga ko imandwa yabaga itakili umuntu usanzwe! Nk'iyo sebukwe yabaga yitwa Habimana, bahaga iyo mandwa umutsima, maze ikanamiza iti:"Uyu ni umubonanya wo kumbonanya na rwa Nyirahabimana"!

../..

Umukazana yahaga nyirabukwe ikindi cyubahiro cy'akarusho yarushaga abandi: mu bugeni yabohaga icyibo cyiza, akagitera amabara ya nyamuraza, maze akagiha nyirabukwe,bacyitaga"Nyabitabo". Ntabwo yamuhaga icyibo kibonetse cyose, ryali itegeko kumuha icyibo aboshye ubwa mbere akigera muli urwo rugo.

Mu gutinya no kwubaha sebukwe, umukazana yirindaga kunywera itabi aho sebukwe amurora, keretse kumutekerera itabi no kumushyirira igishilira ku nkono y'itabi akamufatishiliza. Ndetse n'inzoga ntiyayinywaga uwo mukambwe amureba keretse iyo yamusukiraga, agasogongera,kukongo nta muntu utanga iyo adasogongeye !

Sebukwe w'umuntu nawe yubahaga umukazana we. Akamufata kimwe n'abakobwa be b'inkumi cyangwa se bashyingiwe. Wasangaga amwita umugore we, kubera ko mu gihe cyo gusaba yavugaga ko aliwe umwisabira. Mu muco w'igihugu, se w'umuhungu yahaga umukazana we inka cyangwa se urutoki igihe babaga bagiye kumuvanaho nako kumwogosha amasunzu bayamuvanaho alimu bugeni.

Umutegarugoli yabanaga ate na baramukazi be ?

Iyo umukobwa yashyingirwaga mu rugo rubyiruye abali, yabaga agize amahirwe yo gusanga abakobwa akabona bamubereye nka bene nyina. Bakabana kivandimwe, ndetse bagafatanya imilimo yose yo mu rugo rw'ababyeyi. Kubera ko abo bakobwa babaga ali bashiki b'umugabo we, wasangaga bakunda gutwaliranya bavuga ko nabo ali abagabo be, ni nyamugore niko yabitaga.
Abakobwa babaga bava inda imwe n'umugabo w'uwo mugore bitwaga baramukazi hagati yabo n'uwo mugeni waturutse ahandi.
Iyo umukobwa yashingirwaga, agasanga baramukazi be barashyingiwe ahandi, haba hafi cyangwa se kure y'iwabo, bakundaga kugenderana, umushyikirano ukaba wose, ahobahuliye nabo bagatwaliranya kimwe n'ababana mu rugo rumwe.
Nubwo babaga batuye mu turere tutegeranye cyane, ntibyababuzaga gutumanaho ngo batabarane mu gufatanya imilimo yabaga ikomereye umwe muli bo, cyangwa se imilimo yo mu rugo rubyara abo bakobwa ali narwo uwo mutegarugoli yashatsemo inzu.

../..

Umutegarugoli yabanaga ate n'abagabo babo ?

Iyo umukobwa yashyingirwaga, agasanga sebukwe na nyirabukwe barabyaye kandi babyiruye umuhungu cyangwa se abahungu, yagombaga kubana nabo neza akulikije urugero bagezemo:

- umugabo wabo cyangwa abagabo babo b'ingaragu, yabafataga nk'aho ali basaza be, akabitaho cyane, akabafungulira ku gihe. Ntabwo umugeni yakundaga kwishisha bene abo bahungu bavaga inda imwe n'umugabo we. Ndetse ntabwo yabahishaga utugeso twe tumwe na tumwe nko kunywa itabi n'inzoga;
- bakuru b'umugabo we iyo babaga bubatse, umugeni yabafataga mu rwego rurerure ndetse rujya kuyinga urwa sebukwe na nyirabukwe, aliko ataretse kubafata nk'abagabo babo cyangwa se be. Yarabubahaga cyane aliko limwe na limwe akabatinya.

Umutegarugoli yabanaga ate n'abagore b'abagabo babo ?

Abagore b'abagabo bava inda imwe bose bitwaga kandi n'ubu bitwa "abakeba" n'ubwo baba badasangiye umugabo cyangwa abagabo bwose. Ntabwo barwanaga amahali nk'abakeba basangiye umugabo. Nta n'umwe muli bo wabaga arwanira gukundwa ngo akundwakazwe kurusha abandi. Iyo babaga bahuje amarembo, bakundaga gushyikirana cyane, bagafatanya imilimo imwe n'imwe ali iyo kwa sebukwe na nyirabukwe ndetse n'iyo mu ngo zabo bwite; kwenga amayoga, kurimbisha inzu n'ibindi. Bashoboraga guteranira hamwe bakaboha ibyibo, ibiseke, imitemeri, inyegamo, bakubaka insika ndetse bakabumba imbumbiro n'ibitabo.

Byagendaga bite umutegarugo amaze gupfusha umugabo ?

Iyo umugabo yapfaga asize umugore ukili muto, babyaranye cyangwa se batarabyarana, inama y'umuryango yarateranaga, igasuzuma ukuntu uwo mugore bamuha undi mugabo mu bavandimwe ba nyakwigendera. Umusore waba ya asigaye mu rugo atarashaka, niwe bemezaga ko ahungura umugore wabo, akamubera umugabo kandi akarera abana ba mwene nyina niba hali abo yasize. Iyo mu muryango nta muhungu w'ingaragu washoboraga kuboneka cyangwa se nawe ntashobore kwemera guhungura umugore wabo, inama y'umuryango yashoboraga gusaba umwe muli bakuru ba nyakwigendera ngo ahungure uwo mugore niba abo bagiye gushakana babyumvikanyeho, byaba bidashobotse, bakareka uwo mugore akajya kwishakira ahandi aliko agasiga abana aho niba hali abo yahabyaye.

../...

Iyo umugabo yapfaga asize umugore mukuru kandi babyara-nye, uwo mugore yashoboraga kwumvikana n'umwe mu bagabo babo akamuhungura, ndetse n'inama y'umuryango yagombaga kubijyamo. Iyo haburaga ubwumvikana hagati y'uwo mugore n'umwe mu bagabo babo, akabura umuhungura, yashoboraga kuguma mu rugo rwe n'abana be, yaba afite amatungo ntihagire uyamunyaga muli uwo muryango, akayatungana n'abana be. Amatungo yaba akomoka ku buhake, uwo mugore n'abana be bagashaka uburyo bwose bwo kujya bayahakirwa. Uwo mutegarugoli ntiyashoboraga gucyulira undi mugabo cyangwa se abandi bagabo muli urwo rugo ngo abagabo babo cyangwa se sebukwe bamukundire.

## Umutegarugoli yabanaga ate na bagenzi be ?

Mubo babaga baturanye hafi cyangwa se kure gato, umutegarugoli yihitiragamo abo bashobokanye, bahuje imico, akabashakaho ubucuti. Nibo bagenderanaga kandi bagafatanya imilimo imwe n'imwe umwe muli bo yabaga atashobora kwifasha ngo itungane neza. Bakundaga kwakirana mu gusya amaska no gutêka imisembure y'amarwa yitwaga amacanire cyangwa se amaziko, kwenga amayoga n'ibindi.

Muli uwo mubano n'umushyikirano, bavuganaga ijambo ry'inkora-mutima, uwabaga arushije undi ikintu cy'ifunguro akaba yalimuha atagombye kulimusaba: uwabaga akama inka yashoboraga kwohereza undi amata mu cyansi cyangwa se mu gicuba, naho uwabaga yejeje imyaka iyi n'iyi yashoboraga kwohereza undi iyabo mu cyibo cyangwa mu gakangara, limwe na limwe akaba yamwohereza igitonore cyangwa se urunyogwe rw'amashaza mu cyibo nabyo bitewe n'uko yaba yejeje uba atanze mugenzi we cyangwa se mugenzi we atarahinze iyo myaka kubera ibyago by'indwara cyangwa se yarahinze bikarumba. Abo bategarugoli bashoboraga gujya ibihe mu guhâna iyâbo kandi batabigiyemo inama aliko bakabigilira kubera ko bumvaga bagwânye ku mutima, uwahawe iyabo mbere nawe akazagira igihe yohereza mugenzi we wali walimuhaye mbere, ako kebo kagahora kanyuranamo. Abantu bagiye bitegereza iryo nyuranamo ry'amayabo yaba mu byibo, mu duseke cyangwa se mu dukangara, kandi umuntu yohereza uwamuhaye, limwe na limwe uwabaga atagira icyo yohereza uwamuhaye, ntazongere kubona ikigana irembo rye, ni ho bendeye baca uyu mugani ngo :"Akebo kajya iwa mugarura"; cyangwa se ngo : "Agasozi kamanutse inka kazamuka indi"!

.../...

Umutegarugoli yabanaga ate na rubanda rundi ?

Nk'uko umutegarugoli yatinyaga kandi akubaha sebukwe na nyirabukwe, ni nako yagenzerezaga abantu bose babaga bageze mu kigero cy'abo bakambwe. Abagabo bakuru akabubaha kimwe na sebukwe, n'abagore bakuru akabubaha nka nyirabukwe. Byongeye kandi, abo bakambwe n'abakecuru, umutegarugoli yababonagamo ishusho ya se na nyina bamubyaye, akabibubahira ! Yirindaga kuvugaguzwa imbere yabo no kwifata ku buryo bwamutesha icyubahiro ndetse bwatuma abo bantu bakeka ko abasuzuguye. Abandi bantu ali abagore b'urungano, yabafaga nk'abavandimwe, abamushobokeye bagashyikirana.

Imilimo y'umutegarugoli wo mu Rwanda rwo hambere.

a) Imilimo y'umutegarugoli wo mu batunzi:

- yashoboraga kubyuka mu ruturuturu, akoza ibyansi maze akabinga kugira ngo byumuke. Bamara kwinikiza inka, uwo mugore akazikamisha. Agatereka amata, akayabuganiza mu byansi n'ibicuba;
- inka zamara kwanduruka, agafatanya n'abaja cyangwa se na bamukazi be kuzikukira, hanyuma bagakubûra ali nako banika icyalire;
- yahoraga asûra ko inyana z'inka zifite ubwatsi kugira ngo azipfundikire ubundi;
- yahozaga agatima ku isuku y'amata, akayarinda icyayatokoza cyose, akirinda kubuganiza amata agishyushye ngo adatuma apfa. Amata yali akomeye cyane agomba kugilirwa isuku cyane, kuko iyo umugore yahaga sebukwe cyangwa umugabo we amata atameze neza cyangwa se alimo igitotsi, byamubera ikosa likomeye ndetse likaba ryatuma asendwa. Ngo byerekanaga ko umukobwa yarezwe neza ni aho bendeye mu guca uyu mugani ngo :"Amata agira gitereka", cyangwa se ngo: "Isuku igira isôka!"

b) Imilimo umutegarugoli wo mu batunzi yali asangiye n'uwo mu bôro:

Uretse imilimo yo gutêka no gusukura inzu, ibikoresho byo mu rugo, umutegarugoli wo mu batunzi yali asangiye n'uwo mu bôro imilimo ikulikira:

../..

1) Kuboha: yajyanaga na bagenzi be mu rufunzo gukûra ibibohesho, agatamura intamyi n'ingoli cyangwa se insasânure. Ibyo bibohesho yashoboraga kubibohamo ibyibo, ibiseke n'imitemeri yabyo cyangwa yo gupfundikira ibyansi. Yashoboraga kandi kuboha inyegamo zo gukingira ubuli cyangwa imbere, agakoresha intamyi. Umutegarugoli wabaga ashaka kuboha ibyibo n'imitemeri binogeye ijisho, yashoboraga gukoresha urumamfu. Ku byibo bateragaho amabara bishakiye yose, alikohali hamamaye amabara yitwaga "nyamuraza". Umutegarugoli yashoboraga kuboha ingata zo guterekaho uduseke,udukangara ndetse n'ibibindi.
Umutegarugoli yajyaga guca ubwatsi mu bishanga bwo kubohamo ibirago n'imisambi. Muli ubwo buboshyi, umutegarugoli yakoreshaga ubwatsi bw'urukangaga cyangwa se ubusûna. Yashoboraga gukoresha imigozi y'ibirere, imivumu cyangwa se inago z'ubutumba (ubukoco). Imigozi y'ibirere bayiboheshaga imisambi cyane cyane. Ndetse ahantu hamwe ha hamwe mu batindi babohaga imisambi y'ibirere gusa; ubwatsi bukaba ibirere n'imigozi ni uko. Uwashakaga kuboha ikirago cyiza,kinoze, yashoboraga kukibohesha ubusûna n'inago z'ubutumba. Icyo kirago cyamaraga gusâza, ubwatsi bukavunguka buvunagulika, ingenge zigasigara ukwazo zirandagatanye. Muli ubwo buboshyi wasangaga abategarugoli batera imisambi amabara bakoresheje ibirere, bakabijerenga mu bundi bwatsi babaga babohesha.
Mu turere tumwe na tumwe, umutegarugoli yashoboraga kuboha inkôko n'ibidasesa, akoresheje imifunzo. Yashoboraga kandi no kuboha inkôko n'intara mu biti bitaga amasuli cyangwa se urukerakenja.
Umugore yashoboraga kuboha inzugi (ibyomanzi) mu migano, zigakingwa mu mazu y'ikinyarwanda, buli cyomanzi kigakingwa hagati y'inkingi ebyi. Bene izo nzugi z'ibyomanzi zasimburaga insîka mu nzu, zikagira umucyo cyane.

2) Kwubaka:mu bwubatsi naho umutegarugoli yali ahafite uruhare rwê! Uti ese bite ? Umutegarugoli yashoboraga kwubaka insika mu nzu, cyane cyane urusika rukingira ubulili, urusika rukingira ikirambi, urusika rukingira ikweru cyangwa se umukubo, urukingira imbere n'urw'indamurano. Muli ubwo bwubatsi umutegarugoli yakoreshaga urubingo, imiseke, inkenke, ibikenyeli, inkorogoto n'ibindi. Yubakishaga imigozi y'ibirere, imihotora, imigusa, imivumu n'ibindi. Izo nsîka zashoboraga guhomeshwa amase avanze n'ivu cyangwa se kôkôbe.

../..

3) Kubumba: umutegarugoli yashoboraga kubumba gitabo n'urubumbiro mu nzu ye,agakoresha icyondo cy'urugina cyangwa se ibumba ryo mu gishanga. Yashoboraga no kubumba amashyiga yo gutekaho, nabwo akoreshe icyondo cy'imusozi cyangwa se ibumba ryo mu gishanga. Byali ngombwa gukurungira mu nzu kugira ngo hanoge, agakoresha icyondo cy'urugina cyonyine cyangwa akakivanga na kôkobe n'ibindi.

Hali n'ubundi bubumbyi bw'inkono zitêka, ibibindi, inzeso, imherezo n'ibindi. Uwo mwuga wakorwaga n'abategarugoli b'abatwakazi n'abayovu. Bawukoraga bate kandi bakoreshaga iki ?
Abagore bajyanaga n'abagabo babo ndetse n'abana babo, bagakûra ibumba ahantu hali inganzo nziza iramya. Abagore bashobraga kandi kujyayo bonyine. Bamaraga gusohoza iryo bumba, bakajya gukûra insibo, bakavanga iyo nsibo hamwe n'ibumba kugira ngo bizakomere, bakavanga cyane kugeza igihe binoze, muli iryo vanga bagombaga gukâta.
Umulimo w'umugabo warangiranaga no gukâta, noneho umutwakazi cyangwa se umuyovukazi agafata ibinnyonnyo by'injyo z'ibibindi byamenetse, agatangira kubumbiraho inkono ze n'ibibindi. Ibyo bibumbwa byageraga aho guterera ijosi cyangwa se urugara, bakabyita imitege cyangwa se imishinga. Igihe byabaga bitaruma neza, wasangaga bidibagana, ndetse ukaba wakêka ko nta kintu gitunganye cyashobora kuvamo. Ni aho bendeye mu guca uyu mugani ngo "Abaswa ntiberekwa imishînga". Bamaraga kuziteraho ijosi alirwo rugâra, bakazanika, zamara guhônga bakazivâna muli bya bijyo byo ku ndiba. Inkono zamaga kwuma neza, bakazitahiliza inkwi, maze bakazitwikira mu cyokezo. Zimwe muli zo zahomberaga mu cyokezo zigatulika nk'imbunda cyangwa zikiyasa imitûtu. Inkono zavaga mu cyokezo ali ntaraga bavuga ko zôkôtse. Hamwe na hamwe baziteraga ingwa, hanyuma bakazikoza icyo bashatse, ali ukuzigurisha cyangwa se kuzitûra uwo bashatse.

4) Gutâka: umutegarugoli yashoboraga gutâka udukoni, uducumu, uduhoro, uduheto, utwambi, ingoma n'ibindi. Muli ubwo butâtsi, umugore yakoreshaga amasaro, akayafatanyisha imigwegwe cyangwa se imirya. Yashoboraga gutâkisha amasaro asa yose ku kintu kimwe, cyangwa akayajerenga ngo bigire amabara ku buryo yashakaga bwose. Yashoboraga no kwitereraho amabara ashatse yose, akulikije uko bizamwizihira mu ndoro.

../..

Ubuhalike bwali buteye bute mu Rwanda rwo hambere ?

Mu Rwanda rwo hambere nta mategeko yaliko abuza umugabo gutunga abagore benshi. Ni ukuvuga ko ubuhalike bwali bwemewe. Aliko se umugabo yaterwaga n'iki guhalika umugore cyangwa se abagore be ? Ubuhalike bwaterwaga n'imhamvu nyinshi, zimwe ni izi:

a) iyo umugore yabyaraga abakobwa gusa nkuko byavuzwe haruguru, umugabo we yahoraga ashaka uburyo yazabyara agahungu, bigatuma ashaka umugore wa kabili. Uwo mugore nawe yamera nk'uwa mbere, akabyara abakobwa gusa, nyamugabo akaba yashaka undi mugore, agahora ahindagura abagore kugeza igihe azabyalira igitsina ashaka cyangwa se bikananirana!

Bamwe na bamwe mu banyarwanda bali bazi neza ko umugore atabyara abakobwa cyangwa abahungu, ahubwo ko ibitsina byombi bibyarwa n'umugabo aliwe "imfizi"! Ni naho bendeye mu guca uyu mugani ngo "Imfizi ibyara uko ibyagiye"! Ibyo aliko abagabo benshi bagiye babyirengagiza, bamwe bakarenganya umugore ngo aha niwe ubyara abakobwa gusa !

Ikindi cyemeza ko mu kinyarwanda bali bazi ko ibitsina byombi bibyarwa n'imfizi aliwe mugabo, ni amagambo yo mu kiganiro umwanditsi w'iki gitabo yagiranye n'umusaza witwa RUGENZABATWA, wo ku Ngoma ya Rwabugili, dore icyo kiganiro:

Umwanditsi: Niko se Rugenzaba, mu kinyarwanda bafataga bate umugore wabaga abyaye abakobwa gusa, bashoboraga se kumufata kimwe n'uwabyaye abahungu cyangwa ibitsina byombi, ntibamuhalike cyangwa se ngo bamwirukane burundu ?

Rugenzabatwa: haliho abagabo babonaga abagore babo babyaye abakobwa gusa, bagatangira kurakara. Limwe na limwe bakabahalika bagira ngo bazabyare agahungu cyangwa se abahungu bo kuzabazungura no kubacungura ku milimo mibi. Bagiraga batyo bibwira ko abagore alibo babyara ibitsina byombi. Hali n'ubwo abagabo barakara cyane ntibashobore kwihanganira umugore ubyaye abakobwa, bagahita bamwirukana. Limwe na limwe uwo mugore urenganye, yishakiraga indi nzu, akayibyaramo umuhungu cyangwa benshi. Nyamugabo nawe agakomeza kubyara abakobwa ku bandi bagore acyuye bose!

../..

Reka dufate urugero ku matungo, cyane cyane inka: mu kinyarwanda basanzwe bazi neza ko imfizi aliyo ibyara inyana cyangwa se ibimasa. Abantu babaga babanguliye inka yabo ku mfizi ya Naka babyazaga ibimasa, bigatuma iyo mfizi batangira kuyirozanga. Abandi nabo babanguliye ku yindi mfizi bakabyaza inyana, abo ngabo bakajya barangira abandi bôrozi ngo bajyane inka zabo ku mfizi ya Naka ibyara inyana. Uko uru rugero ruteye mu matungo, ni nako byagombaga kugenda mu bantu; umugore cyangwa isumba agomba kubyara icyo imfizi yamushyizemo"!

b) Iyo umugore yabyaraga apfusha, umugabo yaramuhalikaga kugira ngo none yazabyara akana cyangwa se abana, ntazapfe bucike, alibyo bitaga "kudasiga imbuto".
Iyo ababyeyi babyaraga bapfusha, wasangaga umugabo atangira kwita amazina y'ubupfusha, abakobwa akabita: Kakuze, Nikuze, Mwitiliki, Nyiramaheru n'andi menshi. Abahungu akabita: Rwarahoze, Rurakabije, Rushigajiki, Rutakamize, Rutamujyanye, Rwanzegushira n'andi.

c) Iyo umugore atabyaraga ali ingumba, kandi umugabo yaramushimye ingeso n'imilimo, yashoboraga kumuhalika ngo none yazabona umugore babyarana, ntazapfe adasize imbuto.

d) Iyo umugore yarwaraga indwara ikamugira ikimuga, ku buryo yabaga atagishoboye gutunyanya imilimo yo mu rugo, umugabo yashoboraga kumuhalika, ndetse limwe na limwe babigiyemo inama, uwo mugore akaba yarangira umugabo we.

e) Umugabo yashoboraga gushaka abagore benshi kubera ko bimuteye ishema. Bamwe bavugaga ko gutunga abagore benshi bitera ubukungu. Abandi babaga bashaka kunguka amaboko y'aho bashatse no kubyara abana benshi ngo bagwize imiryango. Abandi bashakaga abagore benshi kugira ngo baruhuke imilimo umugabo afatanya n'umugore umwe.

Abagore babaga basangiye umugabo alibo "abakeba", bahoraga barwana amahali. Ndetse n'abana b'ishyali barwaniraga ba nyina ishyaka. Umugabo wabaga atunze abagore benshi ntiyabakundaga ku buryo bumwe: yahitagamo umugore umwe akamugira inkundwakazi. N'ubwo yabasaranganyaga ibiryamo bwose, umugabo yararaga amajoro menshi mu rugo rw'umugore w'inkundwakazi. Umugore yabaga inkundwakazi kubera ko yanyuze umugabo we ku buryo ubu n'ubu; mu bwiza arusha bakeba be, kubyara abahungu, kwenga inzoga nziza n'ibindi.

Hali ubwo umugabo yamaraga gushaka undi mugore, agahita azinukwa uwa mbere. Akamutana n'abana be, yaba ali imfusha agasigara mu rugo wenyine. Iyo uwo mugabo yabaga atunze kandi inka n'andi matungo ataha mu rugo rwe rukuru, yashoboraga kuyaharekera, akahakamira inka cyangwa se amatungo yose akayahavana, akayacyura mu rugo ruto, agashobora kujya akamira umugore we mukuru n'abana. Bakundaga kwita uwo mugore watawe "Nyirantabwa" cyangwa "Nyiramishishiro". Uwo mugabo yakomezaga gutegeka umugore n'abana bo mu rugo yataye, agategeka inzoga kandi agakoresha n'imilimo yo guhingisha no kwubakisha urugo, inzu, ibigega n'ibindi.
Hali n'ubwo umugabo yagarukiraga umugore w'intabwa, akamukundwakaza.

Abakeba bahoraga barwana ishyaka ry'ishyali ku buryo bwinshi. Buli wese ashaka kunyura umugabo we kurusha mukeba we cyangwa se bakêba be: gusasa neza, guteka neza, gutereka amata meza, kwenga inzoga nziza, kugira isuku muli byose. Ab'inshirukanyi bagacisha inzaratsi zo guha umugabo wabo ngo ahindure umutima, abakunde kurusha bakeba babo ! Aliko se inzaratsi ni iki ? Umuntu yazigereranya n'umukunde, umuti abagore bahaga abagabo babo , ngo bakunde umugore uzitanze kurusha uko bakundaga abandi bagore. Bene uwo muti, aho kuvura ngo utere urukundo mu mugabo uwunyoye mu nzoga cyangwa se uwuliye mu biryo, washoboraga kumukumbanya ukamucura inkumbi. Umugore w'inyaryenge yamaraga gucisha inzaratsi, mbere yo kuziha umugabo we,akabanza kuzigeragereza ku njangwe cyangwa imbwa yabo. Yabona ntacyo ziyitwaye, akabona kuziha umugabo we. Yabonaga iryo tungo lipfuye, akazijugunya.
Iyo umugore yabaga umugome nka mugenzi we yacishijeho inzaratsi-burozi, yashoboraga kubugarulira nyirabwo mu cyayenge, akabugabulira umwana we cyangwa se umugabo we ngo amuhekure cyangwa amupfakaze nk'uko nawe yali agiye kumugira. Ndetse byashoboka, izo nzaratsi-burozi zigahitana nyirazo, mugenzi we azimuhaye mu binyobwa cyangwa se mu bilibwa atabizi, ngo aha ategereje ko umugabo wazicishilijwe azapfa.
Umugore wese wabonaga mukeba we amurushije ubukundwakazi, yatangiga kuvuga ko amurusha igiti gikomeye, alicyo "inzaratsi".
Iyo umugore yihanganiraga ingeso n'imico y'umugabo, agatunganya imilimo ye neza, umugabo akamukunda, akubaka urugo rugakomera, akaremya inzu, abandi bagore batangiraga kuvuga ko afite igiti gikaze!

../..

Ugasanga abandi bagore bamubaza ngo ababwire aho yacishije izo nzaratsi yahaye umugabo we, bigatuma atazi igitutsi n'intimburo! Ni aho bendeye mu guca uyu mugani ngo "Uwemeye ingeso asabwa inzaratsi"!

Gushaka ku ishyali byahoraga biteye abagore n'abakobwa inkêke. Ugasanga umukobwa cyangwa se umugore atifuza guhalikwa. Kandi byaba ngombwa ko ahalikwa, amahitamo yaje akaba yabanza mu rugo, ishyali likazaza hanyuma lihamusanga. Likazasanga yarakomeje urugo, ndetse arubyayemo. Abakobwa b'urungano bahoraga bifuliza bagenzi babo kutagubwaho n'iryo shyano ry'ishyali, bakabivuga mu magambo ndetse no mu mbyino. Dore imwe mu mbyino babyinaga bali mu rubohero n'ahandi:

"Amahoro meza Nyirakalisange,
"Nyirakalisange mwana wa mama,
"Nyirakalisange aho kulisanga,
"Aho kulisanga lizagusange"!

Limwe na limwe, ishyali ryatatâbyaga abagore, bagatangira gutuma kuli ba nyina ngo babacishilize utuzaratsi, cyangwa bababwire ikintu bashobora gukora kugira ngo batsinde iliburagasani ry'ishyali. Babivugaga mu magambo, habagaho n'ubwo babibyina mu mbyino. Nko mu mbyino ikulikira, halimo amagambo umugore wali ugiye guhalikwa yatumye kuli nyina, agira ngo amwohererereze inzaratsi :

"Nyirarekeraho kuli Bugoba,
"Yatumye umwana kuli nyina,
"Erega mama ndahalitswe,
"Ngo nta mukobwa udahalikwa,
"Keretse uwasize akoze ishyano,
"Keretse uwatsindiye Kiliziya!"

Aho umukecuru yavuze ngo "Keretse uwatsindiye Kiliziya", yashakaga kuvuga ko umukiristu washyingiwe asezeranye adahalikwa. Aho abanyamadini bagereye mu Rwanda, abakiristu babuzwaga guhalika. Wasangaga abakuru b'inama bagenderera abakiristu babo, basanga hali uwadutseho no gushaka undi mugore, akaba yishe amasezerano; bakamugira inama yo kwirukana uwo mugore muto. Iyo byananiranaga, bagezaga iyo nkuru kuli Padiri, agatumira uwo mugabo wahemutse, akamutegeka kwirukana wa mugore muto cyangwa se Padiri akajyayo kumwiyirukanira. Iyo ubwo buhalike bwagirwaga n'umukozi wa Leta , yirukanwaga ku mulimo we !

Ubwahukane n'ubutâne;

Mu Rwanda rwo hambere nta mategeko yaliho abuza abashakanye gutâna. Aliko rero, mbere yo gutana burundu, umugabo n'umugore babazaga kuburanira abantu bo mu miryango yabo, byananirana bakabona gutâna burundu, umwe agashaka undi mugore, n'umugore agashaka undi mugabo.

Iyo ababyeyi bamaraga gushyingira umukobwa wabo, bahoraga bifuza ko yubaka urugo rugakomera, akaremya inzu. Iyo byagendaga bityo, ababyeyi barabyishimiraga cyane, aliko nyina w'umukobwa akarusha abandi ibyishimo kubera izi mhamvu:

- kubona umwana we aremeje, byagaragazaga ko yareze neza, akamutoza ingeso nziza no gukora imilimo yose ali nabyo byatumye ashobora kunyura umugabo we;
- kuba afite umuhana umukomokaho, akaba yarungutse umuryango n'amaboko ndetse hakazavuka abavunyi. Uwo mubyeyi yagiraga ibyishimo by'agahebuza iyo yabaga adatuye kure cyane y'aho yashyingiye umukobwa we, kubera ko iyo iw'umukwe bagiraga ibyago cyangwa ibyiza byamenyekanaga vuba, hagira ikiba iwabo w'umukobwa nacyo kigahita kimenyekana. Wasangaga ababyeyi bakunda gutuka umuntu babaga banga bagira bati : "Urakabura umukobwa ugutuye hafi"!

Iyo umukobwa yamererwaga neza mu nzu yashatse, agatunga agatunganirwa, ntibikomwe bitya ngo yahukanye, ababyeyi be bagiraga umunezero w'ihabya, ni aho bendeye mu guca uyu mugani ngo "Inzu y'umwana igususurutsa utayirayemo"!

Ubwahukane bwabagaho ku buryo bwinshi, byaba biturutse ku ruhande rw'umugabo cyangwa se rw'umugore:

a) Umugore yashoboraga guhambira akava mu rugo rwe, akahukanira iwabo, kubo bafitanye isano cyangwa mu macuti ali ay'ababyeyi be cyangwa y'umugabo we, ndetse agashobora no kwahukanira mu baturanyi. Umugabo we cyangwa sebukwe yashoboraga kumukulikira akajya kumucyura. Muli icyo gihe, uwabaga agiye gucyura, yabwiraga nyirurugo ngo amubalize uwo mugore icyamuzanye. Uwo mugore yashoboraga kuvuga imhamvu nyayo cyangwa yaba ali impamvu ikomeye, agahimba indi yoroshye, umugabo we nawe akiregûra. Ni uko ababyeyi n'abavandimwe ndetse n'abagabo bagaca urubanza. Umugore agatsindwa cyangwa se agatsi-

nda aliko kenshi bakundaga kuvuga ko umugore aliwe utsinzwe, bashaka ko ataha. Ibyo aliko babigiraga mu gihe habonetse ikosa likomeye ku ruhande rw'umugabo. Hali n'ubwo babigoragozaga ngo baratsindaguranye. Ni uko bagaca umugabo ikibindi cy'inzoga, yamara kucyizana, umugore agashobora gutaha. Muli ubu bwahukane umuntu yavuga ko byabaga bitewe n'imhamvu z'umugore, ali ijambo amaranye iminsi hakagira icyo umugabo we akomeretsaho, noneho nyamugore akigendera.

b) Hali ubwo umugore yahukanaga biturutse ku mugabo, batonganye cyangwa se barwanye. Muli icyo gihe, nyamugabo yashoboraga kumukulikira akajya kumucyura aho yahukaniye hose. Nabwo bakababuranisha. Hakaba ubwo basanga umugabo yarafuditse bikomeye, bakamuca icyiru kigahabwa uwafudikiwe; ali umugore we cyangwa sebukwe na nyirabukwe. Hali ubwo basangaga bidashobora kwihanganirwa, kwa se w'umukobwa bakanga gucyulira umukwe wabo. Yaba yarakowe kandi ahabyaye, inkwano zigahera iwabo w'umukobwa, naho yaba atarahabyaye, bagasubiza umukwe wabo inkwano ze. Mu gihe uwo mugabo yabaga atarakoye kandi afitanye abana n'uwo mugore bagiye gutana, bamukoshaga ako kanya, atabishobora bakamutwara abana. Inkwano yaba ikowe abana batalimo nyina, bayitaga "ingura-muja", ntihagire indongoranyo izahabwa uwayikoye.

Hali ubwo umugore wahukanye yashoboraga gutaha yicyuye:

- iyo umugore yahukanaga afite inda, akabyalira mu rwahukaniro, yagombaga gusubira iw'umugabo we guteruza umwana alibyo "kwita umwana izina". Yashoboraga kumarayo gatatu, imihango yo guterura umwana yarangira, uwo mugore agashobora gusubira mu rwahukaniro cyangwa se akaguma iw'umugabo we;
- iyo umugore yabaga yarahukananye umwana w'uruhinja, hanyuma akamerera amenyo mu rwahukaniro, uwo mugore yagombaga gusubira iw'umugabo we kurisha amenyo. Yashoboraga kumarayo gatatu, barangiza imihango yo kurya amenyo y'umwana, agasubira mu rwahukaniro cyangwa se akaguma iw'umugabo we;
- iyo umugore yahukanaga ahetse, hanyuma uwo mwana akarwalira mu rwahukaniro akaremba, nyina yamusubiranaga kwa se kugira ngo bamuterekerere. Yabaga kandi atinya ko aramutse apfuye urwo se atazi byamugwa nabi. Iyo uwo mwana yamaraga kworoherwa cyangwa apfuye, uwo mugore yasubiraga mu rwahukaniro cyangwa akaguma iw'umugabo we;

- iyo umugore yahukanaga ahetse, hanyuma uwo mwana agapfira mu rwahukaniro, yasubiraga iw'umugabo we ngo bamare imihango y'akanapfu ali nabyo bitaga "kumara akanapfu". Iyo migenzo yamaraga kurangira, nyamugore agasubira mu rwahukaniro cyangwa se akaguma iw'umugabo we ;
- iyo umugore yahukanaga mu rugo abyayemo, hanyuma sebukwe cyangwa yirabukwe agapfa, yagombaga gusubira iw'umugabo we kugira ngo afatanye n'umugabo we imihango yo kwirabura no kwera. Iyo mihango yamaraga kurangira, nyamugore agasubira mu rwahukaniro cyangwa se akaguma iw'umugabo we ;
- iyo umugore yahukanaga mu rugo abyayemo, hanyuma umwe mu bana be agashyingirwa,yagombaga kugaruka muli urwo rugo kugira ngo afatanye n'umugabo we kwizihiza ibyo biroli kandi yakirane n'umugabo we umwishywa w'umwana wabo. Ibyo biroli n'uwo muhango wamaraga kurangira, agasubira mu rwahukaniro cyangwa se akaguma iw'umugabo we.

c) <u>Gusênda</u>: umugabo yashoboraga gusenda umugore we kubera imhamvu ziturutse ku bugoryi bw'umugore nyine: iyo umugore yabaga afite ingeso y'ubusambanyi, iyo yacuraga umugabo, iyo umugabo yamufatanaga uburozi n'ibindi. Muli icyo gihe umugabo yengeshaga amayoga, agashaka abikorezi n'undi mugabo mukuru uzashorera ibyo bintu, agaherekeza umugore usenzwe. Ni uko akabwira nyamugore ko agiye iwabo kuramukanya. Umukobwa wa se akambara ibyakaka, ngo aha agiye gusûra iwabo naho baramusenze. Nyirurugo akiherarana wa mugabo, akamutuma kuli sebukwe, ngo umukobwa we yamukoreye icyaha gikomeye, none aramwohereje, akazaza kumucyura. Umukobwa wabo yatsindwa, bakamuhamana, naho yatsinda agataha. Umukobwa muzima n'amakoro agashyira nzira, bamara kugera iwabo, umugabo mukuru akavuga ubutumwa.
Ni uko ababyeyi b'umukobwa bakagwa mu kantu, na nyamugore bikaba uko. Abali bamuherekeje bagataha.
Umukobwa n'ababyeyi bagasigara bumiwe, bakamenya ko habayeho ubusende. Nyina w'umukobwa akababara cyane, kubera ko iryo kosa likomeye ryatumye umukobwa we asendwa aliwe baryitiliraga ngo yareze nabi. Nyirurugo agasigara ashyize ku nkêke uwo mukecuru ataretse n'umukobwa. Ndetse akaba yamenesha uwo mugore w'ikigoryi, umaze gusendwa !

Iyo umutegarugoli yasendwaga, yahitaga ingani, ku buryo nta mizero yagiraga yo kubona undi mugabo washoobora kwihanganira ingeso ze. Iyo umugore yasendwaga yarabyaranye n'umugabo we kandi yarakowe, abana basigaraga kwa se.Yaba atarakowe, abana bagakulikira nyina kuko babaga ali "Nkuli-nkôbwa".
Abagore n'abakobwa iyo bava bakagera, bahoraga batinya kugubwaho n'icyago cyo gusendwa. Abakobwa bahoraga bitoza ingeso nziza, gukora imilimo yose ku buryo bunonosoye kugira ngo ejo batazava aho bagawa bikabatera ubusembwa bubi bwatuma umugabo abasenda. Ababyeyi bahoraga bahana umukobwa wabo, ndetse n'abakobwa ubwabo bagombaga guhanana, ali mu magambo cyangwa se mu mbwyino. Dore imbyino yali yogeye, babyinaga bagiye gushyingira umukobwa:

"Yewe mukobwa umenye umenyere, iyee hora,
"Umenye agacungura mu kabindi, iyee hora,
"Umenye agaseke gahera ibindi, iyee hora,
"Umenye agatekera k'agatabi, iyee hora,
"Nukabura bagusende, iyee hora,
"Umenye agashinge ko mu kirambi, iyee hora,
"Ako mu muryango kabara menshi, iyee hora..."!

Umutegarugoli yabonaga bagiye kumusenda, agatangira kwanjûrwa ashaka inzaratsi zo gucubya umugabo we ngo none yamureka. Yabonaga agiye kugubwaho n'icyo cyago, akibagirwa ko mukeba atashobora kumubonera insinzi, ahubwo yarushaho kwishima agira ati: "Nyiranaka ntiyajya yabona,awa"! Habayeho umugabo akitwa Nkwaya ya Muvubyi, yali umutware w'umwami akaba n'umushumba w'imfizi y'ibwami yitwaga Rusanga. Bukeye umugore we witwaga Nyirandugu Mwene Bikerinka amukorera icyaha atashoboraga kwihanganira, ni uko aramusenda ! Nyamugore abyumvise arashoberwa, akubita hirya, akubita hino abura iyo akwirwa. Ni uko atuma kuli mukêba we witwaga Nyirakaliza, ngo amwoherereze utuzaratsi tw'abagore ! Ishyali ryawe, liramunnyega, limusubiza ko nta tuzaratsi ryabona !
Iryo tumanaho ry'abakeba lili mu magambo no mu mbyino ikulikira:

"Nyirandugu ya Bikerinka,
"Agira indugaruga i Nduga ngali,
"Yatumye kuli Nyirakaliza mukêba we,
"Ngo amuhe utuzaratsi tw'abagore,
"Undi ati nta tuzaratsi nabona,
"Ngo inzaratsi z'abapfu ntizibura!"

d) <u>Kwunura</u>: umutegarugoli yashoboraga kwahukana bidatewe n'imhamvu zimuturutseho cyangwa se umugabo we atamwirukanye ndetse batatonganye. Ahubwo bitewe n'ababyeyi b'umukobwa. Uti ese byagendaga bite ? Se w'umukobwa yashoboraga kwishingikiliza ku cyaha iki n'iki umukwe yabaga yamukoreye cyangwa se yagikoreye nyirabukwe, maze agatuma ku mukobwa we ngo aze, kubera ko yabaga yarambiwe ko umukwe we amusuzugurana umukobwa we bene ako kageni. Hali n'ubwo umutegarugoli yunurwaga hamwe n'abana be kubera ko umugabo we atabakoye.

Umugabo ntiyashoboraga gutangira umugore wunuwe, ahubwo yamaraga iminsi mike, akaboneza no kwa sebukwe, agasaba imbabazi z'icyaha babaga bamushinja, bagashobora kumuca icyiru, umugore we akabona gutaha. Naho bakwanga kwemera icyiru, umugabo akimyiza imoso, agatana n'umugore we atyo. Naho iyo umugore n'abana bunuliga ko batakowe, umugabo yacyulirwaga abanje gukwa. Bitashoboka ntibamucyulire, umugore akaguma iwabo hamwe n'abana be.

Aliko se abana barererwaga kwa sekuru barajyanye na nyina bagiraga gaciro ki ? Bene abo bana babitaga "Nkuli-nkôbwa". Ntabwo bitilirwaga ubwoko bw'aho bavutse, ahubwo bitilirwaga ubwoko bw'inkanda, bw'iwabo wa nyina. Babalirwaga mu bana b'uwo mukambwe. Bamaraga gukura akabashyingira, abakobwa akabakosha inka cyangwa se izindi nkwano,naho abahungu akabubakira kandi akabaha umunani mu byo yabaga atunze kimwe n'abandi bana be.

Uretse gusendwa no kwunurwa, umutegarugoli yashoboraga gutâna n'umugabo we kubera imhamvu yabonaga ku ruhande rw'uwo mugabo nyine kandi atashoboraga kwihanganira:

- iyo umugore yamaraga gushyingirwa, agasanga umugabo we n'ababyeyi be ali abashimusi;
- iyo umugore yamaraga gushyingirwa, agasanga nyirabukwe aroga, anûma kandi adashoboye gufatanya nawe ubwo bugome;
- iyo umugore yamaraga gushyingirwa, agasanga umugabo ali igisambo, akamucura ku mahaho cyangwa ku bindi biyejereje cyangwa byo mu matungo yabo;
- iyo umugore yamaraga gushyingirwa, hanyuma umugabo akubukwaho n'indwara mbi: igiculi, ibisazi cyangwa akamusangana indwara ya gakôndo nk'isundwe, agahanzi,

<u>Aliko se nta kundi kuntu umutegarugoli yashoboraga kubaho wenyine, yatatânye n'umugabo cyangwa se yaramupfushije ?</u>

Iyo umutegarugoli yatânaga n'umugabo we kandi atagishaka abagabo kubera ko yabaga ageze mu za bukuru, cyangwa abagabo baramuvûye ku nzoka, yashoboraga kwibera iwabo cyangwa kwa basaza be n'abandi bantu bafitanye isano. Yaba afite abana kandi batarakowe, akabana nabo. Muli icyo gihe yubakirwaga inzu y'uburushyi, agakwikilirwa isuka na se cyangwa musaza we cyangwa se undi muntu yabaga aruhiyeho. Iyo yabaga aruhiye mu muryango w'iwabo, bamuhaga imilima ahinga ndetse n'urutoki. Baba ali abatunzi bakamutiza inka akama we n'abana be. Umutegarugoli wabaga arushye atyo yashoboraga guhabwa umunani iwabo.

Habagaho ubwo umutegarugoli ubyaye kandi ushyingiye yananiranwaga n'umugabo cyangwa se akamupfusha, kandi we atagishoboye gushaka abandi bagabo ndetse adafite amajyo, noneho agahitamo gusanga umukobwa we iyo yashatse inzu. Umukwe we akamwubakira mu nkike ye cyangwa se mu gikâli. Bene iyo nzu bayitaga iy'"ubwâge"! Uwo mukecuru yabaga ali mu bwâge iw'umukwe we; akaba yagiye umukwe n'umukobwa we. Iyo umukwe yahindukaga umukobwa w'uwo mutegarugoli, yabahindiraga hamwe, bakabura iyo bajya ! Ubwage bwali bubi cyane, abantu benshi barabwangagaga !

Si ibyo gusa; kenshi wasangaga umutegarugoli wananiwe n'amazu cyangwa se wapfakaye akuze kandi atacyifuza gushaka abandi bagabo, ajya kwa shebuja w'umugabo we cyangwa wa se, akiberayo. Yaba afite abana nabo bakajyana, bakabana muli ubwo buhake. Agakorera imbehe n'amacunda yo gutunga abana be. Abo bana bategekwaga na shebuja; abahungu bamara gukura uwo mugabo akabashakira, akabakwerera, naho abakobwa akabashyingira akabakosha. Uwo mukecuru yamaraga guhilima, abo bana bakaguma muli urwo rugo !

../..

# I G I C E   C Y A   K A B I L I

## I. UMWALI WO MU GIHE CY'AMAJYAMBERE.

Imibyirukire y'umwali wo mu gihe cy'amajyambere imeze nk'iy'umwali wo mu gihe cyo hambere: ubuhinja, ubutambambuga, ubwangavu n'ubukumi. Kwita umwali w'ubu "umunyaruhimbi", ntibi-cyogeye cyane kubera ko ubutunzi bw'inka bumaze kugabanuka cyane mu Rwanda,ndetse abantu benshi ntibazi uruhimbi icyo alicyo. Aliko rero nta n'uwaseka umuntu wakwita umwali ngo ni "umunyaruhimbi".

### Umwanya w'umwali mu rugo.

Ababyeyi babyiruye umwali bamufata nk'amata y'abashyitsi. Iyo baba mu rugo iwabo, ababyeyi babegulira inzu, ngo bishyire bizane, bamenyere imilimo ya kibyeyi. Ababyeyi babo birinda kubatonganya no kubakubita mu ruhame kugira ngo batabateza urubwa. Muli iki gihe abakobwa barwaye indwara yo kujya kwishyingira, bamwe bagenda bamaze gukura cyane ndetse baragumiwe, hali n'abagenda bakili abangavu ndetse abandi bakohoka ku buraya n'ubwomanzi, bigatuma ababyeyi babyiruye abakobwa birinda kubahozaho intonganya cyane ngo batabona urwitwazo rwo kujya kwishyingira cyangwa kuba indaya, ngo aha ababyeyi babo babirukanye.

Abali bo muli iki gihe bali mu byiciro bitatu: abali batagize amahirwe yo kwiga amashuli, abize amashuli ya za fuwaye n'ay'ingoboka, n'abize amashuli yisumbuye n'amakuru.

a) Umwali utaragize amahirwe yo kwiga amashuli ayo aliyoyose: Bene uyu mwali aguma mu rugo rw'iwabo, agafatanya n'ababyeyi be imilimo yo mu rugo, cyane iyo kurera abana n'ubukolikoli. Usanga ntaho ataniye cyane n'umwali wo hambere. Uwo mwali nawe yigishwa na nyina gukora imilimo yose,akamwigisha ubwenge bwa kinyarwanda, ikinyabupfura, isuku. Na n'ubu, guhana umukobwa utaragera mu kigero cy'umwali bigirwa n'ababyeyi bombi, aliko uburere burambuye butangwa n'umutegarugoli,naho umugabo akoresha igitsure gusa. Hambere umutegarugoli yashoboraga kwihererana umwali, akamuhana, ndetse akaba yamukubita udupfunsi, ubu ntibigishoboka kubera ko batinya ko umukobwa yabereka igihandure akishyingira cyangwa akaba indaya. Amajyambere yambuye ababyeyi uruhare runini mu burezi !

../..

b) <u>Umwali wize cyangwa se ucyiga muli fuwaye cyangwa mu ishuli ry'ingoboka</u>:

Mu Rwanda rwo hambere ndetse no muli iki gihe cyamajyambere, umutegarugoli niwe uha umukobwa we uburere bw'ishingiro, bubereye umunyarwandakazi. Tutaragera mu majyambere, umutegarugoli yigishaga umukobwa ubwenge bwose bwa kinyarwanda, uwo mukobwa agakurana ubuhanga arahuye mu muryango w'iwabo cyangwa se mu yindi miryango baturanye. Muli iki gihe rero, ku burere umutegarugoli aha umukobwa we, hongerwaho uburere bwo mu mashuli abanza, fuwaye n'ay'ingoboka.
Muli fuwaye no mu ishuli ry'ingoboka bigisha umukobwa imilimo yose yerekeye urugo n'uburere bw'abana. Biga ubukolikoli bwinshi bugerekwa ku bwo abakurambere bali bazi gukora: gutâka, kuboha imipira, kudoda, gufuma ibitambaro, gutêka bya kijyambere. Umwali wiga muli bene aya mashuli, ataha iwabo buli munsi, bigatuma afasha umukecuru we imilimo yo mu rugo, ndetse akitoza ibyo yize mu ishuli.
Kuli iki gihe abarezi babaye benshi, ntabwo ababyeyi b'umwali alibo bamurera bonyine, hali n'abandi barezi: Leta cyangwa abalimu itanga, amadini n'abandi bagira neza. Abo barezi bose bihatira kwigisha umwali gukora neza, kubaho neza kugira abere ububyeyi bw'u Rwanda rw'ejo kandi azatume amajyambere asakara mu rugo azubaka.
N'uwaramuka abaye ikinani ntiyakwitwaza ko yabyigiye mu ishuli ili n'ili.

c) <u>Umwali wize cyangwa se ucyiga amashuli yisumbuye</u>.

Bene uyu mwali arerwa n'umutegarugoli mu gihe aba yiga amashuli abanza,kuko icyo gihe aba yiga ataha imuhira. Amara kugera mu mashuli makuru agacumbikana n'abandi bigana mu kigo cy'ishuli nyine. Muli icyo gihe rero, ntabwo ababyeyi be bamugira ho uruhare runini mu burezi. Uburezi bw'ababyeyi busimburwa n'ubw'abigisha muli iryo shuli n'umuyobozi waryo. Mu nyigisho abona mu ishuli, zimwe zirakomeye cyane kandi ntizigeze zibaho mu Rwanda rwo hambere, aliko halimo izindi zikomeza uburere bw'umunyarwandakazi zerekeye kumenya iby'urugo, kurera abana n'ibindi. Aya mashuli nayo ntabwo yirengagiza uburere bw'umwali, ahubwo abayigishamo bahora bifata kimwe n'ababyeyi b'umwali; bakamubwiliza ibyiza bimubereye, bakamuhana yakoze icyaha iki n'iki, bakamwigisha kwimenya ko ali umubyeyi w'u Rwanda rw'ejo. Uwo mwali aza iwabo mu biruhuko gusa. Kandi iyo arangije amashuliajya gukorera amafaranga, limwe na limwe ntatahe iwabo kubera ko akora kure. Birumvikana ko ababyeyi batamubona kenshi.

Umwali yifata ate imbere y'ababyeyi be ?

Umwali wo muli iki gihe, yaba yalize cyangwa se atalize agomba kwubaha ababyeyi be, abagilira igitinyiro aliko giciye mu nsi y'icyo umwali wa hambere yagiliraga ababyeyibe: umukobwa ntagitinya cyane ababyeyi be kubera ko amaze kujijuka kandi atagitinya ko bamuca ngo bigire icyo bimutwara ! Umukobwa wese, keretse uwataye agataro, ahora yubaha ababyeyi be, agahorana ikinyabupfura kiranga umunyarwandakazi warezwe neza. N'ubwo nta mwali ugitinya kuvuga ababyeyi be mu izina, nta n'ubwo ashobora kubabiza ku gasozi, bili n'amahire abantu benshi barabatijwe, iyo umukobwa ashaka guhamagara se cyangwa nyina, avuga mu izina ry'idini. Abatabatijwe kandi babahimba amazina y'amakiristu kugingo biborohere kubahamagara cyangwa kubavuga mu biganiro. Hali n'utundi tuzina twadukanywe n'abazungu, umuntu akita se ngo "Papa", naho nyina ngo "Maman". Abana b'abanyarwanda bamwe na bamwe bavuga ngo "Papali" bashaka kuvuga ba se cyangwa ngo "Mamali" bashaka kuvuga nyina. Umwali wo kuli iki gihe ntatinya se kimwe n'umwali wo mu gihe cyo hambere: umubyeyi w'ubu ashaka ko abana be bamwegera, bakaganira, bityo agashobora kumenya ibibazo byabo.

Ababyeyi babyiruye inkumi birinda gutongana cyangwa se kurwanira imbere ye, mbese ni kimwe no hambere. Aliko kandi, uburwanyi n'intonganya za hato na hato, zimaze gucogora mu ngo nyinshi kubera amajyambere yasakaye mu Rwanda hose.

Muli iki gihe cy'amajyambere twabonye ko umutegarugoli n'umugabo we batakifasha uburere bw'abana b'abakobwa; uretse amashuli abanza, za fuwaye, amashuli y'ingoboka, amashuli yisumbuye n'amakuru, abana b'abakobwa bashobora kurererwa mu mashuli ya nimunsi ali byo "ibibeho", y'abanyamadini, bakayigishilizwamo gusoma, kwandika n'ibyerekeye iyoboka-mana. Mu minsi ya vuba aha, hadutse andi mashuli y'amajyambere, abana batashoboye kwiga amashuli abanza, cyangwa batashoboye kuyarangiza, bayigishilizwamo gusoma no kwandika, bataretse n'ibyerekeye igihugu cy'u Rwanda. Ayo mashuli yose ajijura umunyarwandakazi ku buryo buzatuma aba umutegarugoli ubereye u Rwanda, akarubyalira ingirakamaro. Ntawakwitwaza ko ishuli ili n'ili ryamwigishije imico mibi, kandi ali ubugoryi yiyadukaniye. Ntabwo Leta y'u Rwanda yakwemerera umuntu uyu n'uyu kwigisha ibinyuranyije n'uburere bwiza n'amatwara y'umunyarwandakazi !

../..

Umwali afite gaciro ki ?

Muli iki gihe cy'amajyambere, umwali afite agaciro kamwe n'aka musaza we mu rugo: arerwa kimwe nawe, yaba agiye mu mashuli mato cyangwa se amakuru ntihagire umutangira, ndetse ababyeyi be bakamulihilira amafaranga ya ngombwa. Ntabwo bakibuza umwali kujya mu ishuli nko hambere bavugaga ngo "mbese urajya kwiga ngo uzagabane imisozi, uzabura gukoborwa amaso n'imyotsi"!
Umwali ni umubyeyi w'u Rwanda rw'ejo kandi aracyali umusanganyamiryango. Yungura umuryango avukamo n'uwo ashatsemo, agatuma yungaubumwe. Umubyeyi ubyiruye umwali, ahora atekereza ko azamushyingira akamukosha cyangwa se akamutangira ubuntu.

Nubwo nta buhake bukiliho, iyo umugabo apfuye agasiga umugore n'abana b'abakobwa, batunga ibyo basigiwe ali inka, urutoki,imilima n'andi matungo, ntihagire umuntu n'umwe ubibateramo.

Ubu ngubu umwali afite uburenganzira bwo gukora imilimo imwe n'iy'umuhungu, apfa kuba abifitiye ubushobozi. Ubwo bushobozi abukesha amashuli yiga kimwe n'umuhungu, adahezwa na hamwe kabone no muli iniversiti aliryo shuli lisumba ayandi yose.

Umubano w'umwali na bene nyina.

Kimwe no mu Rwanda rwo hambere, iyo umukobwa amaze kuba inkumi ihamye, aba imuhira, ababyeyi bamwegulira urugo, akamenya barumuna be atarobanuye ibitsina. Erega ntabwo yibagirwa na basaza be bakili ingaragu. Iyo milimo yo mu nzu n'urugo ayibandaho cyane cyane iyo ntaho yagiye kwiga, ali muli fuwaye, mu ishuli ryisumbuye cyangwa likuru. Nubwo yaba yiga bwose, igihe avuye ku ishuli akora iyo milimo. Iyo umwali akorera amafaranga, nabwo yita kuli barumuna be na basaza be. Limwe na limwe ugasanga abagulira utuntu n'utundi, bamwe akabaha imyambaro ndetse akaba yalihilira abiga amashuli.

Umubano w'umwali na muramukazi cyangwa se baramukazi be.

Iyo umwali afite muramukazi we cyangwa baramukazi be benshi, barakundanda bakubahana nko hambere. Iyo basaza b'umwali bubatse hafi y'iwabo, uwo mukobwa afatanya na baramukazi be imilimo yo mu rugo rukuru, ndetse n'iyo mu ngo za basaza be. Kuli iki gihe cy'amajyambere, abahungu bakunda kwubaka kure y'iwabo, ni yo mhamvu ituma abakazana badashobora gufatanya na baramukazi babo

../..

imilimo yo kwa sebukwe. Iyo kwa se w'umuhungu cyangwa abahungu bashaka gukoresha imilimo iyi n'iyi, batuma ku bakazana babo ngo bazaze kubafasha; gusya amasaka, guteka imisemburo, kwenga ibitoke n'ibindi. Abo bagore nabo bashobora gutuma kuli muramukazi wabo ngo azaze kubafasha umulimo uyu n'uyu. Ugasanga bose bagenda bagobokana. N'ubu abaramukazi baracyatwaliranya, bavuga ngo mushiki w'umugabo wabo nawe ni umugabo wabo !

Umubano w'umwali na rubanda rundi.

Umwali ufite uburere bwiza yubaha abantu bakuru bose cyane cyane abakambwe n'abakecuru, bageze mu kigero cya se na nyina cyangwa abandi bafitanye isano ya kibyeyi. Abagilira igitinyiro kijya kuresha n'icyo agilira ababyeyi be. Ahora yirinda kuvugaguzwa imbere y'abo, avuga ibyo abonye byose cyangwa abagisha imhaka. Iyo hagize ikintu bamukoma arakireka, akemera ko bamuhana nk'ababyeyi. Naho umwali wataye agataro ntawakwilirwa agira icyo amuvugaho. N'uwamuhana ntibyashya ngo binoge. Byatumye abantu bakuru benshi batagishobora kwikorereza gukoma umukobwa batazi gukora iki n'iki, ngo atabavamo ijisho !

Umwali abana ate n'abakobwa bato n'urungano ?

Umukobwa utize amashuli cyangwa se wayize ~~ageragezа~~, agerageza gufata abo aruta kimwe na barumuna be. Akagerageza guhora abaha urugero rwiza mu byo akora, avuga no myifatire ye. Yaba yaragize amahirwe yo kwiga, agasubizanya umutima mwiza ibibazo bamubajije, kandi akagerageza kubigisha kwifata uko bikwiye. Bene abo bana bahorana inyota yo kwigana ibyiza babonana uwo mwali, ugasanga bamwe bavuga ngo "Ngomba gukorana umwete, nkiga neza kugira ngo nanjye nzamere nka Nyiranaka"! N'ubu ngubu, umwali wese abana n'urungano rumushobokeye. Bagashobora kwungurana ibitekerezo n'ubuhanga mu milimo yabo, ali mu buboshyi, mu gutâka, gufuma, kudoda, gutêka n'ibindi. Mu migenderano n'imishyikirano yabo, abali bageze mu rwego rumwe nibo bashobokana cyane, bakabana ntawe utinya isumbwe ryo kuba atalize, umuntu akabana n'uwo bavuga rumwe!

../..

Umubano w'umwali n'abahungu.

Mu Rwanda rwo hambere byali nk'ikizira ko umukobwa agenderana n'umuhungu ubonetse wese. Muli iki gihe cy'amajyambere urwo ruzitiro rwavuyeho; umwali abana kandi akagenderana n'umuhungu ashatse. Bamwe baba baliganye mu mashuli abanza cyangwa se mu bibeho, abandi bakigana mu mashuli yisumbuye n'amakuru. Umwali ashobora kubana n'abasore bafatanyije umulimo ali uwo mu biro cyangwa se ahandi. Ndetse mu mhande zimwe na zimwe z'u Rwanda, usanga abali bafatanyije n'abasore mu gushinga imiryango y'ubufatanye.

IMYAMBALIRE Y'UMWALI

Ntabwo umwali wo kuli iki gihe acyambara uruhu rw'umukane. Kuva aho ubucuruzi bw'imyenda bwamamaliye mu Rwanda, umwali yahararutswe kwambara uruhu, atangira kwambara imyenda y'ubwoko bwose. Yabanje kujya yambara akenda k'urutabi, hanyuma atangira kujya akenyera umwenda, akitera undi. Mu myambalire y'umunyarwandakazi byagiye byihuta cyane, ku mukenyero akarenzaho nako akagereka ho ikizibaho cyangwa se umupira. Mu gihe tugezemo, hali abakobwa benshi baharaye amakanzu, amajipo naho abandi batasilimuka cyane baracyakenyera imyenda, bakagerekaho ibizibaho cyangwa imipira kandi bakitera. Ubu ngubu, umwali yabonye umwambaro mwiza, kandi utamurushya cyane mu imesa nk'umukane wa kera: ntagomba gushaka inkurwe yo kumeshesha, ndetse ntagomba no gusiga iyo mwambaro. Umwali wo muli iki gihe ntagomba kurinda umwambaro we kunyagirwa, ngo awukuremo asigare yambaye ubusa: iyo imvura imufatiye ahegereye urugo arugama, yaba ali ku gahinga akayinyagiranwa.

Umwali ashobora kwambara inigi mu ijosi, ingoro ku maboko, ibikomo n'ibitare. Ashobora no kwambara imikufi mu ijosi. Hali n'ibindi abali bamwe na bamwe bakunda kwambara mu mutwe: ibitambaro, imimbunda, imisatsi y'imigurano ya kizungu. Umwali wambaye bene iyo misatsi, usanga afite umutwe w'umuzungukazi, aliko ahandi yirabura. Bashobora no kwambara utwuma ku matwi, bita amaherени.

Ntabwo abanyarwandakazi bakirangwa n'amasunzu ko ali abakobwa. Amasunzu asigaye hake cyane kandi nabwo ategwa n'abakobwa batarasilimuka. Ubu ngubu gutandukanya umukobwa n'umugore birakomeye, keretse usanzwe ubazi neza!

../..

Umwali n'ubusugi.

Ikibazo cy'ubusugi gisa n'icyazigurutswe. Umuntu yagira ngo hali itegeko ryatanzwe liha abakobwa uruhusa rwo gucana n'ubusugi ! Hambere umwali yahoraga yirinda ikintu cyose cyatuma akungika n'abahungu ngo ejo batava aho bamushuka akahasamira iy'indaro, akaba yacibwa mu muryango ndetse agahanishwa kurohwa mu ruzi. Aho abazungu bagereye mu Rwanda, nta gihano nk'icyo kigihanishwa umukobwa utwaye inda y'indaro. Gutwara inda y'indaro babyitaga ishyano, ryaramuka liguye ntilibe mu gihugu. Kuli iki gihe, inda y'indaro isamwa kimwe n'izindi kandi ibyarwa kimwe nazo. Umukobwa uyitwaye ntacyo bamutwara. Byatumye bamwe mu bakobwa bafatana urunana n'abahungu,bagahora ali urujya n'uruza mu mayira hirya no hino. Ndetse ugasanga umuhungu n'umukobwa batahana i Kantarange, byarimba bakaryamana. Ibyo byose ngo ni amajyambere. Kubana si bibi, aliko ni uko bishobora kuviramo umukobwa intandaro yo gutwara inda y'indaro.

Umukobwa utwaye inda y'indaro ntacyo aba, abyara nk'abandi kandi uwo mwana akarerwa nk'abandi. Ndetse abakobwa benshi bashingirwa batwite, hakaba ababyara bamaze amezi atanu, atatu, hali n'ubwo habaye ikintu gisa n'igitangaza: muli 1962 umukobwa yashyingiwe ali kuwa gatandatu, bukeye mu gitondo arabyara ! Nawe se ko umugore yamaraga amezi icyenda atwite, none ibintu byahindutse bite kugira ngo inda ivûke imaze amezi atanu, atatu cyangwa se kumwe ? Umuntu yavuga ko amajyambere azirana n'ubusugi ! Iki kibazo kirasobanuye cyane mu gitabo cyitwa "Ubusilimu busenya ubusugi".

Imilimo y'umwali.

a) Umwali wo mu bahinzi-borozi akora iyi milimo:

- yoza ibyansi n'ibicuba,
- akamisha inka agatereka amata,
- acunda amata,
- yahilira inyana ubwatsi,
- akukira inka n'izazo akazanikira icyalire,
- agira isuku y'inzu, urugo n'ibiraro by'inyana,
- aratêka kandi akita kuli bene nyina.

../..

b) Umwali wo mu bahinzi-borozi n'uwo mu bahinzi basangiye iyi milimo:

- kuvoma amazi no kumesa imyenda,
- gukubura, guhinga no gutera intabire,
- gutêka no kumenya abali mu rugo bose.

Uretse imilimo ivuzwe haruguru aha, hali n'indi basangiye, iteye itya:

-Kuboha: ububoshyi ntibugikaze cyane nko hambere. Nimbeshyerwe abali benshi bafite imilimo itabaha akanya ko kujya mu rufunzo gukura ibibohesho no kujya mu gishanga guca ubwatsi. Ubwo wumva ubwa nta n'imfunzo zikiliho cyane, n'ibishanga byinshi byarahinzwe. Abafite umwanya wo kuboha, bigulira ibibohesho mu maguliro. Ubu ngubu aho kujya mu rubohero rw'abakobwa ku misozi n'ahandi, abakobwa benshi bahulira muli za fuwaye n'andi mabohero. Ku buboshyi bwali busanzwe mu kinyarwanda : kuboha ibyibo, ibiseke, imitemeri, ibirago n'imisambi, hiyongereyeho ubundi bukolikoli bwo kudoda, gufuma ibitambaro. Izo mbohero zikunda kuboneka mu bigo by'abahyamadini no mu mafuwaye makuru ya Leta.

- Kwubaka: amazu menshi yo kuli iki gihe yubatswe ku buryo bwa kijyambere, usanga adakeneye kubakwamo insika. Ahakili amazu ya kinyarwanda cyangwa se y'ibigonyi, umwali ashobora kuyubakamo insika n'utugege two guterekaho ibintu: udukangara, uduseke, amasanduka n'ibindi. Mu batunzi naho umwali ashobora kwubaka uruhimbi rwo guterekaho ibyansi n'ibicuba ndetse akubana n'agatara ko gutekaho amasahane, amasafuliya, ibikombe n'ibindi.

- Kubumba: mu mpande zimwe na zimwe z'u Rwanda, ahakirangwa amazu ya kinyarwanda cyangwa ibigonyi, umwali ashobora kubumba urubumbiro akoresheje urwondo rw'urugina, ashobora no kubumba igitabo n'amashyiga nabwo agakoresha urwondo rw'urugina cyangwa ibumba ryo mu gishanga. Akurungira mu nzu hasi, akoresheje kokobe, ibumba ryo mu gishanga, cyangwa akavanga ingwa n'amase .
Umwali wo mu batwa n'abayovu aracyakomeye ku mwuga wo kubumba inkono, ibibindi, inzeso n'ibindi. Mu mpande zimwe na zimwe abali batangiye kubumba bigâna imbumbo y'ahandi, hali ababumba ibisuperi, amabinika, amashusho n'ibindi. Abatwakazi n'abayovukazi baracyakomeye ku nganzo yabo, bakwiye kubishimirwa cyane.

../..

- <u>Gutâka</u>: umwali wo muli iki gihe ashobora gutâka udukoni, uduhoro, uduheto, uducumu, utwambi, macupa, ingoma n'utundi tuntu tw'umurimbo. Ashobora gukoresha amasaro y'amabara menshi, akayafatanyisha imigozi y'imirya cyangwa se imigwegwe, aliko abali benshi baharaye gutâkisha ubudodo.

<u>Indi milimo umwali wize akorera igihugu cyamubyaye</u>;
Umwali wize amashuli ashobora gukorera igihugu cye imilimo yo mu nzego nyinshi, akora imilimo ihwanye n'ubushobozi bwe. Abali benshi bigisha mu mashuli abanza, muli za fuwaye, mu mashuli yisumbuye. Abandi bakora mu buvûzi, hali n'abakora imilimo yo,biro ali muli Leta cyangwa se mu masosiyete. Kuli iki gihe cy'amajyambere, nta muntu ugitekereza ko umukobwa adatabâra, kubera ko igihugu cyohereza umwali gukora aho aliho hose mu Rwanda igihe bakeneye imilimo ye. Umukobwa na musaza we bose batabalira kuzamura u Rwanda rwababyaye.

GUSABA UMUGENI NO GUSHYINGIRA.

Muli iki gihe cy'amajyambere, umwali asabwa n'umusore azi, mbese baziranye. N'iyo baba basanzwe baziranye, mbere y'uko umukobwa yemera gusabwa n'umuhungu Naka, babanza guhâna igihe gihagije cyo kumenyana. Ntabwo ababyeyi bagihatira umukobwa kurongorwa n'umusore atazi cyangwa se adahâka nko hambere. Umwali n'umusore bafite uburenganzira bwo gushimana ku bwabo, bakazabimenyesha ababyeyi babo nyuma. Noneho se w'umuhungu akabona kujya kwa se w'umukobwa gusaba umugeni. Muli iryo saba, bashobora gukosha inka, cyangwa gushyingilira ubuntu.

Umusore n'inkumi bashobra kubengana, aho ubukwe bwaba bugeze hose, biturutse ku mhamvu z'umwe muli bo. Ubukwe bupfa iyo umuhungu cyangwa se umukobwa atahuye ingeso mbi z'undi, abona ko adashoboye kuzazihanganira. Haba n'ubwo ubukwe bupfa bwishwe n'abantu, ali abo mu nshuti z'umwe mu bali bashimanye, abo mu macuti y'umuryango w'umusore cyangwa w'umukobwa,bashingiye ku mhamvu nyazo cyangwa z'imhimbano. Abaturanyi b'umuryango w'umukobwa bashobora kwica ubukwe, kugira ngo uwo mukobwa agumirwe.

Umukobwa w'inkumi ashobora kwica ubukwe bwa mugenzi we abitewe n'ishyali, ngo amutanze gusabwa. Abanyarwanda benshi bakunda kuvuga ko nta bukwe butaha budapfuye.

../..

Iyo ubukwe bupfuye, aho bwaba bugeze hose, umwe mu bali bashimanye abimenyesha undi mu magambo cyangwa se mu nyandiko. Umuhungu ashobora gutuma se ku babyeyi b'umukobwa, akabamenyesha ko umuhungu abenze, agakoranura iyo yakôye. Umukobwa nawe ashobora kubwira ababyeyi be ko abenze, ni uko se agatumira se w'umuhungu, akamumenyesha ibyo kubenga, noneho bakalimura inzoga, bagasubiza n'inkwano.

## II. Umutegarugoli wo mu gihe cy'amajyambere.

Mu gice cya mbere cy'iki gitabo twabonye igisobanuro cy'urugoli, icyo rwaremwagamo n'uburyo barureamaga. Hasobanuwe kandi abarutegaga n'icyo barutegeraga. Ibyo bisobanuro byose uko byali biteye hambere ni nako bikimeze muli iki gihe cy'majyambere: urugoli ruracyaremwa mu gikenyeli cy'ishaka, kandi rushobora gutegwa n'umugore ubyaye kandi ufite umugabo.

N'ubwo abogore bose bitwa abategarugoli, muli bo abarutega ni imbarwa. Abagore bo mu byaro barutega ni benshi. Naho abamaze gukataza mu majyambere ntibacyirwikoza. Abagore bo mu cyaro baracyakomeye ku muco mwiza wo gutega urugoli: barutega cyane cyane iyo bagize aho bazindukira bahêtse cyangwa se bagiye mu biroli. Abo babyeyi baragyakulikiza ijambo ry'ikinyarwanda livuga ngo: "Ikibera umubyeyi ni urugoli no guhêka".

### Imyambaro y'umutegarugoli.

Aho ubucuruzi bw'abanyamahanga bwamamaliye mu Rwanda, umwambaro wa ba nyogokuru aliwo "inkanda", watangiye gusubizwa inyuma buhoro buhoro, ugeza igihe uzimira, ulibagirana. Indi myambaro y'imyitero nk'imhuzu n'ibindi, nayo yarazimiye burundu. Umutegarugoli asigaye yambara imyenda akulikije ubushobozi bwe bushingiye ku mutungo w'umugabo we cyangwa se ku mutungo we bwite niba atagira umugabo. Haliho abategarugoli bambara imyenda yoroheje, y'abakene: umukenyero, ikizibaho cyangwa se umupira akagerekaho umwitero. Bene iyo myambaro y'abakene cyangwa se abandi bantu b'abanyabyaro, higanjemo imikara, ingutiya z'imikara, n'imyitero y'ibitare cyangwa y'utundi tubara tworoheje. Iyo myenda bayambara bakulikije uturere batuyemo; abanyacyaro bose ntibambara ku buryo bumwe !

../..

Umutegarugoli wiyumva amafaranga ashobora kwambara imyenda y'igiciro: umukenyero, umupira cyangwa agashati, akagerekaho umwitero adasize n'imyambaro y'imbere. Umusilimukazi ashobora kwambara ikanzu cyangwa se ijipo n'umupira cyanwa agashati, ateretse n'imyenda y'imbere nk'ikombinezo n'ibindi. Hali n'abategarugoli bambara amapatalo.

Hali n'ibindi bintu by'umurimbo umutegarugoli yambara:

- inigi n'imikufi, byambarwa mu ijozi,
- impeta, yambarwa mu rutoki,
- inkweto, zambarwa mu birenge kugira ngo zibirinde.

Kwambara ibitare n'imilinga bisigaye mu turere tumwe na tumwe tw'uRwanda, nabwo kandi byambarwa n'abakecuru. Kwambara ubutega, inyereli, imilinga, bisa n'ibyazimiye rwose.

Abategarugoli ntabwa bakiyogoshesha inkomborera cyangwa kwimoza nko hambere. Hali abatereka umusatsi wabo, bakawusokoza neza bibereye umunyarwandakazi. Hali n'abawutwikisha ibyuma bigurwa mu maduka, bakanawusigamo umuti witwa "Kanta" utuma umusatsi wirabura cyane. Abandi bawuhohamo "amaliboto" ali nabyo bitaga "inweri" hambere. Mu gihe cyo hambere, umugore cyangwa se umukobwa wabaga yaraboheshej umusatsi we atyo, bamwitaga umushikazi ! Bamwe batamiliza ibitambaro, alibyo bitaga "gufunga umungini" cyangwa se "ntawe untegeka"! Hali n'abigerekaho inzu n'ubwatsi ngo bateze imimbunda, ukabona umutwe ukabura umuntu uwikoreye! Bamwe na bamwe bitoboza amatwi, bakambaraho utwuma bita "amahereni" cyangwa bakambara utwo twuma batagombye kupfumura amatwi. Mu gihe cyo hambere, abagore cyangwa abakobwa babaga bambaye utwo twuma bitwaga ba "Nyiramatwi"! Hali n'abagore batamiliza umusatsi w'umugurano, ugatuma bagira umutwe w'umuzungukazi mu munyarwandakazi.

Aho amajyambere yogereye mu Rwanda, abategarugoli benshi bohotse ku myambaro n'imyambalire izanwa n'abanyamahanga. Bakayirukira batabanje kwitegereza neza ngo barebe ko ibabereye, ahubwo bamwe bakayambara banga ko nyiranaka abarusha ubushongore n'ubusilimu! Iyo umudeli wadutse mu Rwanda, usanga abagore benshi bawushikiye ngo utabacika, ndetse benshi usanga bashaka guhora mu bishya nk'ababaji !

../..

Isuku y'umwambaro w'umutegarugoli.

Gusukura umwambaro ntibikirushya umutegarugoli nka kera. Ntakigomba gushaka inkurwe yo gukubisha inkanda ye, ahubwo agura isabune akayimeshesha, agiye ku mugezi cyangwa se avomye amazi akamesera imuhira. Abategarugoli hafi ya bose bashoboye kwimesera keretse abageze mu za bukuru, nabo kandi bashobora kumeserwa n'abakazana, abakobwa cyangwa se abuzukuru babo. Umutegarugoli ashobora kunanûra imyambaro ye akoresheje ipasi, kugira ngo imyambaro irusheho kugira umucyo no kunanûka. Umutegarugoli ashobora kubalîra imyambaro imucikiyeho cyangwa se hagize ikindi kiyirya. Iyo atazi kudoda, ashobora kuyidodesha ahandi.

Umwanya w'umutegarugoli mu rugo no mu gihugu.

Mu Rwanda rwo hambere, umutegarugoli yali afite umwanya ukomeye mu rugo; bamwitaga "Umutima w'urugo", "Umubyeyi n'umurezi w'abana", ndetse akaba "Nyamhinga cyangwa Mhinganzima". Umutegarugoli aracyafite uwo mwanya wa "gakôndo", uwo mwanya w'"Akasize-mukuru". Umutegarugoli afite akarusho ageretse ku byo yali asanganywe: ni umubyeyi n'umuvuka-gihugu.Afite uburenganzira bumwe n'ubw'umugabo, agomba nako ashobora kwiga amashuli ntihagire umukoma imbere kugira ngo amenye ubwenge, ajijûke. Ashobora gukora imilimo yo mu nzego zose zo gutsûra amajyambere y'igihugu. Aliko igihugu kimutezeho umulimo ukomeye w'ibanze w'ububyeyi n'uburezi bw'abana.

Umutegarugoli afite agaciro ahabwa n'amategeko, ali ay'imbumba-mahanga, yatangajwe mu byemezo by'umuryango w'Abibumbye, mu Nteko yawo Rusanga yo mu mwaka wa 1967, alin'ay'u Rwanda, cyane cyane Itegeko-nshinga ryatangajwe ku italiki ya 24 Ugushyingo 1962, ku ngingo yaryo ya 30, iteye itya :

"Umugabo n'umugore bafite ububasha bureshya."

Nubwo umugore areshya n'umugabo imbere y'amategeko, agomba kwubaha umugabo we kandi akamwumvira kandi akamenya ko umugabo aliwe mutegeka w'urugo. Ibyo bakora byose kugira ngo urugo rwabo rujye mbere, bagomba kukijyaho inama.

??/..

<u>Umutegarugoli agira bwoko ki</u> ?

Muli iki gihe cy'amajyambere, umutegarugoli agira ubwoko bw'aho avuka; ntabwo umukobwa amara gushyingirwa ngo areke kwitilirwa ubwoko bw'ababyeyi be, ngo yende ubwoko bw'aho ashatse. Byahozeho hambere, aliko ubu ngubu byarahindutse. Kwita umugore "Muka-Naka", cyangwa se "Madamu Naka", sibyo bituma umutegarugoli ahindura ubwoko ngo aha yitilirwa umugabo yashatse; izina siryo muntu cyangwa sibwo bwoko.

<u>Umutegarugoli yifata ate imbere ya sebukwe na nyirabukwe ?</u>

N'ubu, umutegarugoli aracyubaha sebukwe na nyirabukwe. Ntabwo agitinya cyane sebukwe nko mu gihe cyo hambere. N'ubu umugore ntashobora guhamagara sebukwe na nyirabukwe mu izina, aliko iyo ali ngombwa kuvuga amazina yabo arayavuga. Bili n'amahire, ababyeyi benshi barabatijwe. Iyo abakazana babo bifuza kubavuga, bakoresha ayo mazina y'amakiristu. Abakambwe n'abakecuru batarabatizwa, abakazana babo babahimba amazina y'amakiristu, kugira bashobore kujya babavuga nta nkomyi. Umukazana utali uwo mu b'ubu, yubaha sebukwe na nyirabukwe, nk'uko yubaha se na nyina bamubyaye. Nyirabukwe w'umuntu aba amufatiye runini; kumugira inama, kumufasha mu byago ndetse no kurera abana.

Icyibahiro cy'akarusho cyo guha nyirabukwe icyibo cya "<u>nyabitabo</u>" gisigaranywe n'abategarugoli bake cyane ! Abazi kuboha ibyibo, baracyatanga nyabitabo. Abandi nabo bashobora gutanga ikindi kintu cy'ikibohano cyangwa se cy'ikidodano nticyitwe nyabitabo ahubwo kikayishushanya.
Sebukwe na nyirabukwe b'umutegarugoli bamufata kimwe n'umukobwa wabo, bakamukunda kandi bakamwubaha.

<u>Umutegarugoli abana ate na muramukazi cyangwa se baramukazi be ?</u>

Iyo umukobwa ashyingiwe mu rugo rubyiruye inkumi, babana nk'abavandimwe. Kubera ko abahungu benshi bubaka kure y'iwabo, umutegarugoli ushatse aho hantu nta gihe gihagije abona cyo gushyikirana na baramukazi be; bahura limwe na limwe abasanze iwabo cyangwa se nabo bamusanze iwe. Ashobora kubatumira ngo baze kumufasha imilimo iyi n'iyi: gusya amasaka, kwenga amayoga, kubagara imyaka

../..

no gusarura, kubumba ibitabo n'imbumbiro, gukurungira mu nzu n'ibindi. Baramukazi be nabo bashobora kumusaba kuza iwabo ngo bafatanye imilimo nk'iyo.
Iyo umutegarugoli ~~xxhy~~ asanze baramukazi be barashyingiwe hafi cyangwa se kure y'iwabo, baragenderana kandi bagashobora gutabarana mu byago no mu byiza,bagafatanya imilimo umwe atakwishoboza wenyine.

Umutegarugoli abana ate n'abagabo babo ?

Umutegarugoli ufite abagabo babo kandi aturanye no kwa sebukwe, abubaha akulikije urugero bagezemo :

- iyo afite abagabo babo b'ingaragu, abafata kimwe na basaza be, akabitaho cyane ku buryo atagira icyo abasigisha. Ababanira atabishisha;
- iyo abagabo babo bubatse, baturanye cyangwa se badaturanye, abubaha kurusha uko yubaha barumuna babo; kenshi abaha icyubahiro kijya kuyinga icyo aha sebukwe, kubera ko aba ali bakuru b'umugabo we.

Umutegarugoli abana ate na rubanda rundi ?

Umutegarugoli ureretse neza,ugifite umuco mwiza uranga abanyarwandakazi, yubaha abantu bakuru nk'uko yubaha ababyeyi be, sebukwe na nyirabukwe. Iyo avugana nabo, avugana ituze n'ikinyabupfura. Limwe na limwe usanga yiyegereza abagore bamuruta ubukuru ndetse n'abakecuru cyangwa se akabagenderera, bakaganira ndetse akabasiganuza ku kintu adasobanukiweho neza.

Umutegarugoli atoranya mu bagore aruta, bamuruta cyangwa b'urungano, abamushobokeye bakabana, bagashykirana. Aliko rero, abashobokana kenshi ni abagore bahuje uburere, imico cyangwa bo mu rwego rumwe ali urw'ubukene,ali n'ubw'ubukire. Aliko kandi, n'abadasumbana cyane mu nzego, bashobora kubana neza.
Abategarugoli babana gicuti, bungurana ibitekerezo, bakagobokana mu byago no mu byiza, bagafatanya imilimo imwe n'imwe umuntu atakwishoboza wenyine. Bene abo bategarugoli bashobora guhâna amayabo ku bwende bwabo cyangwa se umwe agombye gusaba undi. Iyo hagize uweza imyaka iyi n'iyi, ashobora kwoherereza mugenzi we cyangwa se bagenzi batayihinze cyangwa se bayihinze bakarumbya. Hali n'ubwo umutegarugoli atanga abandi kweza, akaba yakwoherereza mugenzi we igitonore cy'ibishyimbo cyangwa se urunyogwe rw'amashaza kugira ngo nabo baganure.

Umutegarugoli akora milimo ki ?

Imilimo y'ibanze abategarugoli bakorera ingo zabo ni myinshi aliko cyane cyane iy'ububyeyi n'uburezi bw'abana. Kuli iyo milimo, abategarugoli bize amashuli bagerekaho indi bakorera igihugu mu nzego nyinshi z'amajyambere: kwigisha mu mashuli abanza, muli za fuxaye, mu mashuli yisumbuye, hali abakora imilimo y'ubuvuzi, imilimo yo mu biro bya Ministeri cyangwa se mu masosiyete, hali n'abakora mu bucuruzi n'ahandi.

Halihò indi milimo yo mu rugo n'ubukolikoli, umutegarugoli ashobora gukora:

- gutêka, gukubura, guhinga no gutera intabire, kubagara imyaka no kyisarura, kwoza ibyansi n'ibicuba, gucunda amata, kwahilira inyana,kuvoma amazi, kumesa imyenda no kuyitera ipasi n'ibindi.
- ubukolikoli:

a) Kuboha: umutegarugoli ashobora kuboha ibyibo, ibiseke n'imitemeri. Muli ubwo buboshyi ashobora gukoresha intamyi n'ingoli. Nta cyahindutse muli ubu buboshyi; ibikoresho ni nk'ibyo hambere. Hali n'abategarugoli baboha imisambi n'ibirago, bakoresha ubwatsi bw'urukangaga n'ubusuna, bakabohesha inago z'ubutumba, imivumu cyangwa se ibirere. Ibyo bibohesho nabyo ni bimwe n'ibyo mu gihe cyo hambere. Abategarugoli batuliye urufunzo, baboha inkôko n'ibidasesa. Hali n'ibindi umutegarugoli aboha cyangwa se asenga; ibyomanzi, inkangara n'ingata.

b) Kwubaka: umutegarugoli wo mu mpande zimwe na zimwe z'u Rwanda, umutegarugoli ashobora kwubaka insika mu nzu y'ikinyarwanda cyangwa y'ikigonyi. Muli ubwo bwubatsi akoresha urubingo, imiseke, inkenke, ibikenyeli, agashyiraho imigozi y'ibirere, imivumu, imigusa, imihotora n'ibindi. Izo nsika ashobora kuzihoma cyangwa akazirekera aho. Aliko kugira ngo zigire isuku, azihomesha icyondo cyangwa akavanga ingwa n'amase.

c) Kubumba: umutegarugoli utuye mu cyaro, mu nzu y'ikinyarwanda cyangwa se y'ikigonyi,italimo isima,abumba urubumbiro n'amashyiga,ashobora no kubumba igitabo mu irebe ry'umuryango. Akurungira mu nzu, akoresheje icyondo cy'urugina, kokobe ivanze n'amase cyangwa icyondo cyo mu gishanga.

../..

Umutegarugoli wo mu bayovu no mu batwa abumba inkono ziteka, ibibindi, inzeso n'imherezo. Akoresha ibumba ryo mu nganzo-nziza akalivanga n'insibo kugira bizarame. Mu turere tumwe na tumwe tw'u Rwanda, ababumbyi batangiye kwigana imbumbo z'ahandi; kubumba amabinika, ibisuperi n'ibindi.

d) Gutâka:umutegarugoli wo mu cyaro cyangwa se mu mujyi, ukorera amafaranga cyangwa utayakorera, ashobora gutâka uducumu,uduheto, utwambi, udukoni, uduhoro, amacupa n'ibindi. Benshi bakora ubwo bukolikoli kandi bubazanira amafaranga menshi, bukagaragaza n'ubuhanga bw'umunyarwandakazi. Bikorwa n'ababyigiye mu mashuli, muli za fuwaye cyangwa se ababyigishijwe na bagenzi babo.

e) Gufuma no kudoda:muli iki gihe cy'amajyambere, abategarugoli bungutse ubundi buhanga bwo kudoda imyenda bakoreshe-je imashini cyangwa intoki gusa. Bashobora kudoda imyenda mishya y'abana n'iy'abantu bakuru. Benshi bazi gufuma ibitambaro by'ame-za, no kuboha imipira yo kwambara n'ibindi. Ubwo bukolikoli babwi-gira muli za fuwaye, abandi babwigira mu mashuli y'ingoboka n'ayi-sumbuye. Ubwo bukolikoli butuma umutegarugoli akenura urugo rwe, akambika neza abana be nawe ubwe. Iyo imyambaro ishaje arayisana, bityo akazigama amafaranga yali gutanga mu badozi.

## Umutegarugoli afite gaciro ki ?

Umutegarugoli ni urwego rumwe mu zigize umuzi wa mbere w'umuryango w'abatura-rwanda. Umutegarugoli ni umutima w'urugo, umubyeyi n'umurezi w'abana, ni umuvuka-gihugu. Itegeko-nshinga rya Repubulika y'u Rwanda limuha ububasha bureshya n'ubw'umugabo imbere y'amategeko. Ashobora gukora imilimo afitiye ubushobozi yo mu nzego zo gutsura amajyambere y'igihugu cyamubyaye.
Umuryango w'Abibumbye nawo ntiwibagiwe ko umugore akwiye agaciro kamwe n'ak'umugabo,mbese agaciro gakwiye mwene muntu; byagaragaye mu Itangazo-mbumba mahanga ry'Inteko rusange y'umuryango w'Abibu-mbye, ryo ku italiki ya 10 Ukuboza 1948, cyane cyane ku ngingo ya 2 igira iti: "Buli muntu ashoboye kwiyemeza ko afite agaciro n'u-
"burenganzira bwose buli muli ili tangazo, aliko
"ntihagire uwabibuzwa bishingiye ku ibara ry'umubili,
"igitsina ..."!

../..

Ku ngingo ya karindwi y'iryo Tangazo, hali amagambo agaragaza ko Abibumbye bahaye abagore agaciro:

"Abantu bose barareshya imbere y'amategeko, bose kandi
"hatavuyemo n'umwe, bagomba kurengerwa n'amategeko ku
"buryo bumwe...".

Nubwo muli aya magambo hatalimo izina"umutegarugoli", ntibibuze kwerekana ko mu bahawe agaciro abalimo,kuko bavuze abantu bose.

Kimwe n'abandi bantu, umutegarugoli ni inzira(karenganе,arengerwa n'amategeko. Iyo hagize umuhohotera, abihanirwa n'amageko.

U B U H A L I K E.

Muli Repubulika y'u Rwanda, hali amategeko atemera ubuhalike. Itegeko-nshinga ryatangajwe ku italiki ya 24 Ugushyingo 1962, libuza ubuhalike, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 28, iteye itya:

"Ubushakane bw'umugabo n'umugore umwe,
"basezeraniye imbere y'ubutegetsi bwa
"Leta cyanga basezeranye bakulikije ama-
"tegeko y'idini yabo, bwemewe bwonyine
"n'ili Tegeko-Nshinga.
"Uburyo bw'inyandiko y'ubwo bushakane
"bushyirwaho n'Itegeko";

no mu ngingo ya 29, igika cya mbere, giteye gitya:

"Ubuhalike burabujijwe."

Icyakora rero, Itegeko liracyemera ubuhalike bwabayeho mbere y'uko Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda litangazwa; uwali afite abagore b'ubuhalike yakomeje kubatunga nta nkomyi. Aliko rero, n'aho ubuhalike bubulijwe, abantu benshi bakomeje kuzana abagore benshi uko bishakiye ndetse n'ubu baracyabashaka ! Ubuhalike bwo kuli iki gihe bugirwa n'abantu bo mu nzego nyinshi, si abaturage b'abanyacyaro bonyine, n'abandi bantu bize amashuli bakamenya amategeko cyane bahalika abagore babo !
Ubuhalike rero buteye kwinshi,bugiye bukulikiza imibereho y'abantu n'umutungo wabo. Bamwe bahalika ku buryo bugaragara, n'ubwo buba butemewe n'amategeko bwose. Abandi barab-ihisha cyane, kubera gutinya kwirukanwa ku milimo yabo !

../..

Ni iki gituma umugabo ahalika umugore we ?

Imhamvu zituma umugabo ahalika umugore we ni nyinshi, zimwe ni izi:

- iyo umugore abyara abakobwa gusa, umugabo ashobora kumuhalika, ngo none yazabyara abahungu;
- iyo umugore atabyara ali ingumba, umugaboashobora kumushakiraho undi mugore, agira ngo bazabyarane umuhungu cyangwa se abana b'ibitsina byombi,ejo atazapfa adasize imbuto;
- iyo umugore abyara apfusha, umugabo ashobora kumuhalika, agira ngo yazabona umugore babyarana bagashyira ingobyi imugongo;
- umugabo ashobora gushaka abagore benshi kugira ngo abyare abana benshi, abe umukungu cyangwa se ngo aruhuke imilimo ikorwa n'umugabo utunze umugore umwe. Hali n'ubwo umugabo ashaka abagore benshi kubera ko bimutera ishema !

Nkuko ubwo buhalike butemerwa n'amategeko y'igihugu, abo bagore nabo basa n'abatazwi, ku buryo badashobora kwandikwa mu gitabo cy'umugabo wabo, ndetse n'abana bavuka muli ubwo buhalike ntibemerwa n'amategeko kandi ntibandikwa mu gitabo cya se !

## U B U T A N E .

Amategeko akulikizwa muli Repubulika y'u Rwanda ntiyemera ubutane. Umugabo rero ntiyemerewe kwirukana umugore we ku mhamvu ibonetse yose. Dore icyo Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda livuga ku butane; cyane ku ngingo ya 29, igika cya 2, giteye gitya: " Ubutane bushobora gutangirwa uruhusa
" n'inkiko zibifitiye ububasha, zibinyujije
" mu mhamvu zemewe n'amategeko."

Nubwo Itegeko-Nshinga libuza ubutane butemewe n'inkiko zibifitiye ububasha, abantu benshi baracyatana uko bishakiye kwose. Umubare munini w'abashakanye, batana batiliwe babishyikilza inkiko zabigenewe, aho imhamvu y'ubutane yaba iturutse hose, ku mugore cyangwa se ku mugabo!

Alikose n'iki gituma umugabo yirukana umugore we ?

Hari imhamvu abagabo bakunda kwitwaza ngo zituruka ku bagore babo zigatuma batana, zimwe ni izi:

- iyo umugore abyara abakobwa gusa,
- iyo umugore abyara apfusa,
- iyo umugore atabyara rwose.

Izi mhamvu zisa n'izituma umugabo ahalika umugore we.

Haliho n'izindi mhamvu abagabo bakunda kwitwaza, bagasenda abagore babo, ni nk'izi:

- iyo umugore yubutsweho n'ingeso y'uburozi, umugabo abumufatanye cyangwa akamufatana inzaratsi;
- iyo umugore afite ingeso y'ubusambanyi, acyura abagabo cyangwa se abasanga ku misozi;
- iyo umugore afite ingeso y'ubusinzi, ajya kunywa amayoga mu tubali no muli za bari, akajya ataha yabaye ibyatsi, abanyabiraba bagatera umugabo bishyuza amafaranga uwo mugore yanywereye;
- iyo umugore yubutsweho n'indwara mbi: ibisazi, igiculi n'ibindi;
- iyo umugore yubutsweho n'ingeso y'ubusambo bwo gucura umugabo we, cyangwa akaba ingegera ijya kwiba mu baturanyi.

Uko abagabo bafite imhamvu nyinshi bishingikilizaho kugira ngo basende abagore babo, ni nako abagore bafite izabo mhamvu bahobora kwitwaza kugira ngo batane n'abagabo babo. Zimwe muli izo mhamvu ni izi :

- iyo umugabo ali umushimusi w'amatungo, apfumura amazu agasahura, akica agacûza cyangwa se ahotora abantu mu mayira;
- iyo umugabo acura umugore we ibyo ahashye cyangwa ibyo biyejereje n'ibivuye mu matungo yabo;
- iyo umugabo yubutsweho n'indwara mbi: igiculi, ibisazi n'izindi;
- iyo umukobwa ashyingiwe, agasanga umugabo we adashoboye kumara amavuta, ali ikiremba !

../..